



Republic of Rwanda
Ministry of Education



RTB | RWANDA
TVET BOARD

UMURONGO NGENGABUSHOBOZI URWEGO RWA 5



AMASHAMI YOSE

CCMKN502

Ikinyarwanda

IGITABO CY'UMWARIMU

Mata, 2025



Republic of Rwanda
Ministry of Education



GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA



UBURENGANZIRA BW'UMWANDITSI

Iki gitabo ni umutungo wa Rwanda TVET Board ©. Ni rwo rwego rufite ububasha bwo gutubura iki gitabo.

Uburenganzira bw'umwanditsi bugomba kubahirizwa.

- Iki gitabo cyanditswe bwa mbere na RWANDA TVET BOARD, ku nkunga y'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi, binyuze mu mushinga **Ubukerarugendo Imbere**.
- Uburenganzira bw'umwanditsi bugomba kubahirizwa ariko abakora mu nzego z'uburezi mu mashuri ya Tekinike, Imyuga n'Ubumenyi ngiro bemerewe gutubura iki gitabo mu gihe babikoresha ku mashuri.
- Uburenganzira bwavuzwe haruguru ntibwemera ituburwa ry'iki kitabo rigamije ubucuruzi cyangwa kugikoresha ahandi hatari mu mashuri arebwa n'iyi nteganyanyigisho.
- Amasomo akubiye muri iki gitabo agaragaza imitekerereze n'ibyifuzo by'Ubuyobozi Bukuru bwa RTB.
- RTB ni yo ifite uburenganzira ku gitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri. Abatanga amahugurwa bashobora gutubura zimwe mu nyandiko zabyo cyangwa ibitabo byose uko byakabaye mu rwego rwo kunoza umurimo bariho ariko bigakoreshwa gusa mu bigendanye n'ayo mahugurwa. Kuri buri nyandiko yatubuwe hagomba kugaragaraho ko uburenganzira ari ubwa RTB. Ubundi buryo bw'imikoreshereze y'iki gitabo, bugomba gutangwa na RTB.

© **Rwanda TVET Board**

Iki gitabo kiboneka:

- *Ikicaro: Rwanda TVET Board-RTB*
- *Urubuga: www.rtb.gov.rw*

KIGALI-RWANDA

Cyatangajwe bwa mbere muri Mata 2025

Ubuyobozi bwa RWANDA TVET BOARD burashimira byimazeyo buri muntu wese wagize uruhare mu iyandikwa ry'ibi bitabo by'Ikinyarwanda; icy'umunyeshuri n'icy'umwarimu, bigenewe ikicro cya gatanu cy'amashuri yisumbuye ya Tekiniki, Imyuga n'Ubumenyi ngiro.

RWANDA TVET BOARD irashimira by'umwihariko, imiryango itandukanye; nk'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi, ubinyujije mu mushinga **“UBUKERARUGENDO IMBERE”** wateye inkunga iki gikorwa. Turashimira kandi impuguke mu by'Ubukerarugendo n'Amahoteli, abarimu n'abarezi bose ku rukuhare bagize muri iki gikorwa ndetse na MCT Global Ltd yakurikiranye igikorwa k'iyandikwa ry'ibi bitabo.

Iki gitabo k'imfashanyigisho cyakozwe:



Ku mabwiriza n'imirongo migari by'Ikigo k'Igihugu gishinzwe amashuri ya tekiniki, Imyuga n'Ubumenyigiro (RTB)



Byatewe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi



Ku bufatanye ndetse n'Ubugenzuzi bw'Umushinga Ubukerarugendo Imbere

ABAYOBOYE IKI GIKORWA CYO KWANDIKA

Aimable Rwamasirabo

Felix Ntahontuye

Eugène Munyanziza

Abagize uruhare mu iyandikwa ry’iki gitabo

Anastase Nsabimana

Ndahimana Vicent

Jean Damascene Rikunze

Abatanze imirongo migari, guhuza n’igihe, isubiramo no kunoza iki gitabo

Jean Marie Vianney Muhire

Vincent Havugimana

Marie Jeanne Musabyimana

Abatunganyije igitabo n’amashusho

Asoka Niyonsaba Jean Claude

Ngamije Hildebrand

Bizimana Sefu

Abakurikiranye imigendekere y’iki gitabo bakanafasha mu kukinononsora

Ubukerarugendo Imbere Project n’iko cy igihugu gishinzwe inyigisho n’amashuri y’imyuga
n’ubumenyingiro RTB

Abakurikiranye iki gikorwa

MCT Global Ltd

UBURENGANZIRA BW'UMWANDITSI.....	i
GUSHIMIRA	ii
INTANGIRIRO.....	1
IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE.....	2
UMUSARURO W'INYIGISHO 1: GUKORESHA IKINYARWANDA UWIGA AGARAGAZA AKAMARO K'IMYUGA N'UBUMENYI NGIRO BINYUZE MU NKURU SHUSHO N'IKINAMICO .	5
Isomo 1.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y' akamaro k'imyuga n' ubumenyi ngiro.....	8
Isomo 1.2: Inkuru shusho.....	12
Isomo 1.3. Ikinamico	17
UMUSARURO W'INYIGISHO 2: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AGARAGAZA UBURYO BUNYURANYE BWO GUKEMURA AMAKIMBIRANE NO KWANDIKA AGARAGAZA UBUTINDE BW'IMIGEMO N'IMITERERE Y'AMASAKU	26
Isomo 2.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane	29
Isomo 2.2: Ubutinde.....	34
Isomo 2.3: Amasaku	38
UMUSARURO W'INYIGISHO 3: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AGARAGAZA UBURYO BUNYURANYE BWO GUTUNGANYA UBUTAKA , KUGARAGAZA IMIMARO Y'AMAGAMBO MU NTERURO Y'INYABUMWE, KWANDIKA YUBAHIRIZA AMATEGEKO AGENGA IMYANDIKIRE Y'AMAGAMBO AFATANA N'ADAFATANA NO KUBAHIRIZA AMATEGEKO AGENGA IMYANDIKIRE Y'IBIHEKANE BYIHARIYE.	47
Isomo 3.1. Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko yo gufata neza ubutaka.....	51
Isomo 3.2: Imimaro y'amagambo	57
Isomo 3.3: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru mu nteruro	63
Isomo 3.4.: Amategeko agenga imyandikire y'ibihakane byihariye	68
UMUSARURO W'INYIGISHO 4: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AKANGURIRA ABANDI AKAMARO K'ISUKU N'ISUKURA BINYUJIJWE MU IHANGAMWANDIKO	77
Isomo 4.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko ku kamaro k'isuku n'isukura.	80
Isomo 4.2: Umwandiko ntekerezo	85

Isomo 4.3: Itangazo	91
Isomo 4.4: Ibaruwa	96
Isomo 4.5: Umwirondoro	101
Isomo 4.6: Raporo	105
INYANDIKO N’IBITABO BYAKORESHEJWE	114

INTANGIRIRO

Iki gitabo cy’umwarimu gikubiyemo uburyo butandukanye bwo kwigisha imbumbanyigisho **“CCMKN502 Ikinyarwanda”**, igenewe abanyeshuri bose bo mu Rwanda, biga mu mashuri yisumbuye ya Tekiniki, Imyuga n’Ubumenyi ngiro, ikiciro cya gatanu. Abanyeshuri bakoresha iyi mbumbanyigisho, bazabonamo imikorongiro ibafasha kuzamura ubushobozi bwabo. Mu iyandikwa ry’iki gitabo, hitawe ku myigishirize ishingiyeye ku bushobozi. Iyi mbumbanyigisho kandi irategura umunyeshuri kuzarangiza azi gukoresha Ikinyarwanda k’intyoza mu gusobanura neza ibyo ashoboye gukora, bikazamufasha guhatana ku isoko ry’umurimo.

Iki gitabo cy’umwarimu kigabanyijemo imisaruro y’inyigisho, naho buri musaruro w’inyigisho ugabanyijemo amasomo atandukanye. Mwarimu azatangira afasha abanyeshuri kwisuzuma kugirango bamenye urwego bariho ku bijyanye n’ubumenyi, ubumenyigiro n’ubukesha.

Iki gitabo cy’umwarimu kigaragaza kuri buri somo, intego, amasaha yagenwe, ndetse n’uburyo bunyuranye bwo kwigisha.

Buri mbumbe itangirwa n’igikorwa k’ivumburamatsiko gifasha abanyeshuri kugaragaza ibyo basanzwe bazi.

Iki gitabo kandi giha umwarimu inama z’uburyo bunyuranye yafashamo abanyeshuri mu bikorwa (imikoro) bitandukanye.

Nyuma yo gufasha abanyeshuri mu mikoro itandukanye, umwarimu azafasha abanyeshuri gukora isuzumabumenyi nsanganyamasomo riri kuri buri mumbe. Mwarimu kandi agomba kwibutsa abanyeshuri kongera kwikorera isuzuma nk’iryo bakoze ku ntangirio ya buri mbumbe igaragaza urwego bariho. Bagomba kandi kugaragaza aho bafite imbaraga, aho bafite intege nke, ndetse n’aho bakeneye kongeramo imbaraga.

Mwarimu agomba kwibutsa abanyeshuri gusoma incamake y’ibyizwe muri buri mbumbe, iri ku mpera yayo.

IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE

Impine	Ibisobanuro
---------------	--------------------

EU	European union
-----------	----------------

RTB	Rwanda TVET Board
------------	-------------------

TVET	Technical and Vocational Education and Training
-------------	---

%	Ijanisha
----------	----------

RH	Ruhamwa
-----------	---------

FUZ	Imfutuzi
------------	----------

SH	Inshinga
-----------	----------

Zn	Izina
-----------	-------

UZ	Icyuzuzo
-----------	----------

Kzn	Ikinyazina
------------	------------

TS SH	Itsinda ry'inshinga
--------------	---------------------

TSRH	Itsinda rya Ruhamwa
-------------	---------------------

TSUZ	Itsinda ry'icyuzuzo
-------------	---------------------

F	Imfutuzi
----------	----------

IKINY	Ikinyanshinga
--------------	---------------

Grk	Ingereka
------------	----------

FRH	Imfutuzi ya Ruhamwa
------------	---------------------

Gukoresha Ikinyarwanda k'intyoza

Umusaruro w'inyigisho	Amasaha	Ibyigwa
1. Gukoresha Ikinyarwanda uwiga agaragaza akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro binyuze mu nkuru shusho n'ikinamico	5	1.1. Umwandiko ku nsanganyamatsiko y'akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro wasesenguwe neza hibandwa ku nyunguramagambo, n'ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo 1.2. Akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro kasobanuwe neza hifashishijwe inkuru shusho. 1.3. Akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro kasobanuwe neza hifashishijwe ikinamico
2. Gukoresha Ikinyarwanda k'intyoza uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane no kwandika agaragaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku	5	2.1. Umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane wasesenguwe neza hibandwa ku nyunguramagambo, n'ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo 2.2. Amagambo yanditswe neza hagaragzwa ubutinde bw'imigemo 2.3. Amagambo yanditswe neza hagaragazwa imiterere y'amasaku.
3. Gukoresha Ikinyarwanda k'intyoza uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gutunganya ubutaka, kugaragaza imimaro y'amagambo mu nteruro y'inyabumwe, kwandika yubahiriza amategeko agenga imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana no k ubahiriza amategeko agenga imyandikire y'ibihakane byihariye	10	3.1. Umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburyo bunyuranye bwo gutunganya ubutaka wasesenguwe neza hibandwa ku nyunguramagambo, n'ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo. 3.2. Interuro zasesenguwe neza hibandwa ku mimaro y'amagambo azigize 3.3. Interuro zanditswe neza hubahirizwa amategeko agenga imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana 3.4. Interuro zanditswe neza hubahirizwa amategeko agenga imyandikire y'ibihakane byihariye
4. Gukoresha Ikinyarwanda k'intyoza uwiga akangurira	10	4.1. Umwandiko ku nsanganyamatsiko y'akamaro k'isuku n'isukura wasesenguwe neza hibandwa ku

abandi akamaro k'isuku n'isukura binyujijwe mu ihangamwandiko		nyunguramagambo, n'ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo
		4.2. Akamaro k'isuku n'isukura kasobanuwe neza hakoreshejwe uburyo bw' umwandiko ntekerezo.
		4.3. Akamaro k'isuku n'isukura kasobanuwe neza hakoreshejwe uburyo bw'itangazo.
		4.4. Akamaro k'isuku n'isukura kasobanuwe neza hakoreshejwe uburyo bw'ibaruwa
		4.5. Akamaro k'isuku n'isukura kasobanuwe neza hifashishijwe umwirondoro
		4.6. Akamaro k'isuku n'isukura kasobanuwe neza hakoreshejwe uburyo bwa raporo

UMUSARURO W'INYIGISHO 1: GUKORESHA IKINYARWANDA UWIGA AGARAGAZA AKAMARO K'IMYUGA N'UBUMENYI NGIRO BINYUZE MU NKURU SHUSHO N'IKINAMICO



Umusaruro w'inyigisho 1: Kwisuzuma kw'abanyeshuri

1. Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho (mu gitabo cy’umunyeshuri), baganire ku byo babonaho, ibyigwa batekereza ko iyi mbumbe yibandaho bagendeye ku ishusho. Nyuma yo kwakira ibitekerezo binyuranye, batsindagire iby’ingenzi iyi nyigisho yibandaho.
2. Saba abanyeshuri kuzuza imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abanyeshuri bafite ku mbumbe y’inyigisho igiye kwigwa ari ukubafasha kwimenyereza ibyigwa biyikubiyemo, hakabaho kumenya ibyo baziho n’ibyo batazi mbere yo kuyitangira. Ku musozo wayo bazakora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n’ahakeneye kongerwamo imbaraga.



Ubushobozi fatizo

Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya
1. Gusobanura neza inshuza y’inkuru shusho mu rurimi rw’ikinyarwanda	1. Gutandukanya inshuza y’inkuru shusho mu zindi nshuza z’ingeri z’ubuvanganzo nyarwanda	1. Gukoresha amagambo aboneye igihe arimo kwandika inkuru shusho
2. Gushyira ahagaragara uturango tw’inkuru shusho tugomba gukoreshwa mu ihangwa ryayo.	2. Guhitamo uturango nkenerwa tugomba gukoreshwa mu nkuru shusho hashingiwe ku buryo ubu n’ubu inkuru shusho ihimbwemo.	2. Gushushanya neza uruvugiro, utuzu, idirishya, urukiramende bikoreshwa mu nkuru shusho
3. Gusoma neza inkuru shusho hubahirijwe isesekaza ry’inkuru shusho.	3. Kwatura neza amagambo yanditswe mu nkuru uyakina mu buryo bw’ikinamico	3. Gushushanya neza amashusho no kuyaha umurongo mu buryo butavangavanga umusomyi w’inkuru.
4. Gusobanura neza ikinamico nka bumwe mu ngeri z’ubuvanganzo nyarwanda	4. Gutandukanya inshuza y’ikinamico mu zindi nshuza z’ingeri z’ubuvanganzo nyarwanda	4. Gukoresha amagambo aboneye n’ibimenyetso biboneye igihe ahimba ikinamico

Ubumenyi	Ubumenyiyingiro	Ubukeshya
5. Gushyira ahagaragara uturango tw'ikinamico tugomba gukoreshwa mu ihangwa ryayo	5. Guhitamo uturango nkenerwa tugomba gukoreshwa ku ikinamico hashingiwe ku buryo ubu n'ubu inkuru shusho ihimbwemo.	5. Gukurikiranya neza ubutumwa buri mu ikinamico
6. Gusoma neza ikinamico hubahirijwe isesekaza	6. Kwatura neza amagambo ahimbishije ikinamico mu kuyikina	6. Gukoresha imvugo iboneye kandi igendanye n'ubutumwa arimo gukina igihe akina ikinamico.



Intambwe:



Ivumburamatsiko



Umwitozo wa 1:

Saba abanyeshuri gusubiza ibi bibazo biri mu gitabo cyabo ku mwitozo wa 1 w'ivumburamatsiko ry'iyi mbumbe, ugende wumva ibitekerezo by'ibyo bagenda basubiza ubihuze n'ukuri kugira ngo bigufashe kubinjiza mu isomo nyirizina baryivumburiye.

1. Ese ingeri z'ubuvanganzo zigushimisha iyo urimo gusoma ibitabo by'ikinyarwanda ni izihe?
2. Iyo ugereranyije umwandiko ntekerezo n'imyandiko y'ubuvanganzo irimo udukino wumva igushishikaza kuyisoma ari iyihe?
3. Hari ubwo ujya ufata igitabo ugiye ku gisoma wabona inkuru ziherekejwe n'amashusho uga hita ufata umwanzuro wo kuzitaho kuruta ibindi?
4. Ese izonkuru ziherekejwe n'amashusho zigizwe n'ibiganiro bisa n'aho ari ikinamico zitwa gute?
5. Iyo bavuze ikinamico wumva ari iki?
6. Ese ubona itandukaniro ry'inkuru zishushanyije n'ikinamico ari iki?
7. Urumva tugiye kwiga irihe somo?

Isomo 1.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y’ akamaro k’imyuga n’ ubumenyi ngiro

	Intego: Nyuma y’iri somo, abanyeshuri bazaba bashobora: - Gusobanura neza inshoza y’imyuga n’ubumenyi ngiro hashingiwe ku misusire yabwo - Gusobanura nk’uko bikwiriye akamaro k’imyuga n’ubumenyi ngiro n’umumaro wabyo mu iterambere ry’igihugu. - Gutanga ingero zitandukanye z’imyuga n’ubumenyi ngiro azitandukanya n’ubumenyi rusange bwigishwa mu mashuri
	Igihe giteganyijwe: Isaha 1
	Uburyo bw’imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kuja impaka, kwifashisha murandasi mu kongera ubumenyi, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n’ibindi.
	Ibikoresho bikenewe: Ibitabo by’ubuvanganzo gakondo n’iby’imyandiko (ikinamico, inkuru shusho, Ikibaho, Ingwa, Mudasobwa, Murandasi(internet), Fulashi, Inkoranyamagambo
	Imyiteguro: ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohereza mu myigire yabo. ☐ Kureba niba aho bigira nta bibarangaza bihari. ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye, ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n’ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe. ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye
	Ingingo nsanganyamakuru: ✓ Kwimakaza uburinganire bigaragarira mu ikorwa ry’amatsinda ✓ Imikoranire myiza kuko abanyeshuri bose barafatanyaga. ✓ Kwita ku bidukikije ✓ Kwimakaza umuco no gukoresha neza ikeshamvugo. ✓ Uburezi budaheza

✓ Kurwanya Jenocide n'ingengabitekerezo yayo

✓ Kurwanya ubushomeri

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi



- Imwe mu mirimo y'amaboko bidasaba kwiga dusanga mu giturage itunze banyirayo mu buzima bwa burimunsu
- Gusoma neza, kwandika ndetse no kuvuga neza ikinyarwanda.



Igikorwa cyo 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 2:

Andika ku kibaho umutwe w'isomo n' ibibazo byo kuriuyu mwandiko **Akamaro k'amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro** uri mu gitabo cyabo.

Ibibazo ku mwandiko.

1. Ni ibihe bintu amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro ashobora gutanga ku banyeshuri?

- Atanga ubumenyi bw'ibyo umuntu akora ku buryo bw'umwuga
- Afasha abanyeshuri kumenya ubumenyi runaka no kubushyira mu bikorwa ku buryo babasha gukora imirimo ifite agaciro nk'ubwubatsi, ubuhinzi, ubukanishi, gutunganya ibiribwa, n'ikoranabuhanga.
- Afasha mu kugabanya ubushomeri, cyane cyane mu rubyiruko.

2. Amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro agira uruhe ruhare mu kugabanya ubushomeri?

- Abanyeshuri baba bashoboye guhanga udushya no guhangana n'ibibazo bishya mu mirimo
- Afasha mu guhanga imirimo no guteza imbere ubukungu bw'aho batuye.
- abanyeshuri barangiza amashuri y'imyuga nubumenyi ngiro bashobora kubona akazi cyangwa bakihangira imirimo

3. Ni gute amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro atanga umusanzu mu bukungu bw'igihugu?
Tanga inzira eshatu.

- Afite uruhare mu gutekura abakozi b'ahazaza, kandi bafite umusanzu ukomeye mu iterambere ry'igihugu
- Atanga ubumenyi n'ubushobozi bwo gukora imirimo ifite ireme
- Afasha mu guteza imbere ubumenyi, kugabanya ubushomeri, no guteza imbere ubukungu,
- Ni gute amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro afasha abanyeshuri gukurikira ibigazweho mu ikoranabuhanga?
- Amashuri menshi y'imyuga n'ubumenyi ngiro atanga ubumenyi bwifashisha ibikoresho, uburyo, n'ubuhanga bwa none
- abanyeshuri baba bashoboye guhanga udushya no guhangana n'ibibazo bishya mu mirimo

4. Ni ibihe byiza byo gushishikariza urubyiruko kwiga amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro ?

- Kwigamo bizafasha mu gukemura ibibazo by'ubushomeri no gutekura ejo hazaza heza

Akazi k'umwarimu

- Shyira abanyeshuri mu matsinda mato mato, ubasabe gusoma umwandikiko **Akamaro k'amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro bucece.**
- Saba abanyeshuri bawusubiremo bashakamo amagambo akomeye buri umwe ayandika mu ikayi y'imyitoto ye.
- Saba abanyeshuri muri ayo matsinda bage ku bibazo by'umwandiko babisubize umwe muri bo abafashe guhuza ibisubizo.
- Tegeka umunyeshuri umwe asome uwo mwandiko aranguruye abandi bakurikiye mu bitabo byabo.
- Saba buri muyobozi wa buri tsinda age ku kibaho yandikeho ibisubizo basubije.
- Bwira abanyeshuri bese bagende bagereranya ibisubizo byagiye bitangwa n'amatsinda kuri buri kibazo, ubafashe kubihuza mwandika igisubizo muhuriyeho
- Saba abanyeshuri gusoma **ingingo z'ingezi 1.1.** zijyanye n'isomo, ubasabe kubaza ibibazo aho batasobanukiwe neza kandi ubasobanurire.



Igikorwa cy'a 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo 3:

Saba abanyeshuri gusubiza ibibazo bikurikira bakurikije ubumenyi basanganywe bwunganiwe n'ibisobanuro umwandiko watanze.

Mu magambo yawe bwite, sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko.

- a. **Iterambere:** Ni inzira yo gutera imbere, gukura, cyangwa kugera ku rwego rwo hejuru mu bintu bitandukanye, harimo ubukungu, imibereho myiza, ikoranabuhanga, cyangwa umuco. Mu rwego rw'igihugu cyangwa umuryango, iterambere rishobora kuba rifite intego yo guhindura ubuzima bw'abantu ku buryo buba bwiza kurushaho.
- b. **Ubukanishi:** Ni ubumenyi cyangwa ubumenyingiro bushingiye ku gukora, gukoresha, cyangwa gusana ibikoresho by'ikoranabuhanga cyangwa imashini. Abakanishi ni abahanga mu gusuzuma no gukemura ibibazo bya tekini ku bikoresho runaka, nk'imodoka, imashini zikora mu nganda, n'ibindi.
- c. **Umusanzu:** Ni uruhare cyangwa inkunga umuntu atanga mu rwego rwo gufasha cyangwa gutera inkunga igikorwa runaka. Umusanzu ushobora kuba ari amafaranga, ibikoresho, ubumenyi, cyangwa imbaraga za muntu, bigamije kuzamura iterambere ry'umuryango cyangwa igikorwa cyihariye.
- d. **Ireme:** Risobanura ubuziranenge cyangwa agaciro k'ibintu cyangwa ibikorwa. Mu rwego rw'uburezi, ireme rishobora kwerekeza ku rwego rwo hejuru rw'ubumenyi n'ubushobozi abanyeshuri bageraho. Mu buzima busanzwe, ireme risobanura ubuziranenge bwo gukora ibintu mu buryo bwimbitse kandi bufite agaciro.
- e. **Gushishikariza:** Ni ugukangurira abantu gukora ikintu runaka cyangwa kugira imyitwarire runaka ku buryo bushobora kubazamurira ubushake n'umurava. Gushishikariza bikorwa binyuze mu magambo, ibikorwa by'urugero, cyangwa ibihembo bishobora gufasha abantu kwinjira mu bikorwa by'ingirakamaro.



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo 4:

Saba abanyeshuri buri umwe ku giti cye ahimbe interuro ze bwite ngufi kandi zumvikana yifashishije amagambo afite mu gitabo cye kuri uyu mwitozo.

- **Iterambere** ry'igihugu rishingira ku bikorwa remezo bikomeje kuzamurwa.
- Abahanga mu **ubukanishi** bafasha mu guhanga udushya dufasha inganda gutera imbere.
- **Umusanzu** w'abaturage ni wo utuma ubukungu butera imbere mu buryo burambye.
- **Ireme** ry'uburezi ni ingenzi kugira ngo habeho abakozi bafite ubumenyi.
- **Gushishikariza** abanyarwanda gukora cyane bizatuma igihugu kigera ku ntego z'iterambere.
- **Ibikorwa remezo** nk'imihanda n'amavuriro bigira ingaruka nziza ku bukungu.
- **Inganda** ni zo zizatuma ubukungu bw'igihugu bwiyongera.
- **Ubukungu** bw'igihugu bushingiye ku bikorwa byinshi, birimo n' ingandalsomo

Isomo 1.2: Inkuru shusho

Intego: Nyuma y'iri somo, uwiga araba ashobora:



- Gusobanura inshoza y'inkuru shusho nk'igihangano ashobora kuba yari acyumvishe bwa mbere
- Gutandukanya bihagije inkuru shusho n'izindi ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda yari asanzwe azi.
- Gukoresha neza uturango tw'inkuru shusho bimufasha kuba yakwigani iyo yahawe akihimbira iye
- Guhimba neza inkuru shusho ku nsanganyamatsiko iyo ari yo yose yahabwa ashingiye ku nsanganyamatsiko y'ibyiza by'ikoranabuhanga yahawe.



Igihe giteganyijwe: Amasaha 2



Uburyo bw’imyigishirize: Gusoma inkuru shusho no kuyisesengura, Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, mudasobwa, murandasi, urugendoshuri, kureba filimi n’ibindi no gusoma ibitabo bitandukanye by’Ikinyarwanda.

Ibikoresho bikenewe:



Ibitabo by’ubuvanganzo gakondo Ikibaho, Ingwa, Mudasobwa, Murandasi(internet), Fulashi, Inkoranyamagambo, amakaramu, impapuro, amabara akoreshewa mu gushushanya, amakaramu y’ibiti(ikereyo), ibisibisho(igome)

Imyiteguro:



- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibaranga bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n’ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ Kureba niba hari abanyeshuri bajya bakenera ubufasha bwihariye

Ingingo nsanganyamasomo:



- ✓ Umuco w’amahoro
- ✓ Uburinganire n’ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w’ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw’imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenoside n’ingengabitekerezo yayo
- ✓ Kugabanya ubushomeri



Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:

- Kuba azi ibikoresho byifashishwa mu gushushanya

- Kuba azi ingeri z’ubuvanganzo
- Isano iri hagati y’ubumenyi n’umurimo
- Bumwe mu bwoko bw’imirimo itandukanye




Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by’ibibazo



Umwitozo 5:

1. Saba abanyeshuri kwitegereza igihangano kiri ku mwitozo wa gatanu (5) kiri mu gitabo cyabo kuri rino somo bagisome bahuze amashusho arimo n’amagambo ari mu tuziga ubundi basubize ibibazo bibazwaho.



2. Somera abanyeshuri ibibazo birimo bagende basubiza uko babyumva, ubafashe guhuza ibisubizo batanze bivemo igisubizo gikwiriye.
3. Bafashe ibisubizo mwemeje ubibandikire ku kibaho.

Ibibazo

1. Ni iki urimo kubona kuri runo rupapuro

- **Amafoto y’abasore babiri barimo kuganira.**
 - **Umukino w’abantu babiri ushushanyije**
2. Ni iyihe ngeri y’ubuvanganzo ubona igaragara yakoreshejwe kuri runo rupapuro?
- **Inkuru ishushanyije**
3. Ni utuhe turango tw’ibanze nibura tubiri ushingiyeho utanga icyo gisubizo?
- **Amashusho y’abanyarubuga**
 - **Amagambo y’ibiganiro by’abanyarubuga**
4. Saba abanyeshuri gusoma **ingingo z’ingezi 1.2.** zijyanye n’isomo, ubasabe kubaza ibibazo aho batasobanukiwe neza, maze ubahe ibisobanuro byimbitse.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo 6:

Saba abanyeshuri gusoma no gusubiza ibibazo bikurikira uwo mwitozo bawukorere mu makayi yabo y’imyitozo:

1. Iyo bavuze Inkuru shusho wumva iki?
 - **Ni ikiganiro gihimbitse mu buryo bw’ikinamico gitambutsa ubutumwa kibangikanya ubutumwa n’amashusho y’abanyarubuga bagikoreshejwemo**
2. Vuga ibintu bigaragaza ko igihangano iki n’iki ari inkuru shusho.
 - **Abanyarubuga, urukiramende, imvugo ngobe, idirishya, akazu, umurambararo, igipande, imvugo ndoto, akarangandoto, agakino, agatoki**
3. Andukura imvugo ngobe zose zagaragajwe muri iyo nkuru shusho wasomye haruguru.
 - **Mutesi asoje amashuri yisumbuye agiye gushaka akazi**
 - **Mutesi ahuye na nyina n’undi mubyeyi akababwira ikimuri ku mutima**
 - **Mutesi ahaguruke yarakaye yigendere**
 - **Mutesi atekerereza Doris na Ange ibyamubayeho igihe yajyaga guhurira na Chris muri hotel**
 - **Mutesi amaze kuryoherwa n’akazi yahawe n’inshuti ze zize imyuga arimo aganira na nyina**
 - **Mutesi na nyina ku kibuga cy’indege agiye muru mahugurwa muanga mahanga**

4. Sobanura zino mvugo zikoreshwa mu nkuru shusho
 - a. Imvugo ngobe: ni ibisobanuro byandikwa mu rukiramende bigaragaza icyo abanyarubuga bagiye kuvugaho
 - b. Imvugo ndoto: **Ni Amagambo Umunyarubuga Arota Cyangwa Yivugisha**
 - c. Urukiramende: **Ni umwanya urimo ibisobanuro by'ibyo abanyarubuga bavugaga, ibyo bisobanuro bikitwa imvugongobe**
 - d. Idirishya: **Ni impera z'ishusho cyangwa z'akazu**
 - e. Agakino: **Nikiganiroro cy'abanyarubuga batigeze bahinduka.**
5. Saba buri munyeshuri gukora uwo mwitozo ku giti cye.
6. Genzura ko buri munyeshuri arimo gukora kandi mu ituze
7. Fasha buri munyeshuri ubona hari ibyo atumva neza umusobanurire
8. Tegeka abanyeshuri barekere gukora ubundi bakurikire ku kibaho basubirize hamwe ubafashe kandika ibisubizo baturiraho.



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo 7:

1. Shyira abanyeshuri bakore mu matsinda buri tsinda ribe ririmo abantu umunani, hanyuma bahimbe inkuru shusho kunsanganyamatsiko y'akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro ariko idasa n'iyi iri muri iki gitabo.

► Amabwiriza y'umukoro

Inkuru igomba kuba ihimbiwe ku bipande umunani buri kimwe kigizwe n'imirambararo ibiri ibiri igizwe n'utuzu tubiri tubiri, iyo nkuru shusho igomba kuba igizwe n'abanyarubuga batandatu

2. Genzura niba buri munyeshuri muri buri tsinda arimo gukorana n'abandi
3. Mu gihe, igihe cyo kuba uri mu ishuri kirangiye, basabe bazayihimbe neza udahari bagabane inshingano z'abanyarubuga ubundi bazayihindure bayikine mu buryo bw'ikinamico.
4. Mu gukosora ibyo bakoze, ite cyane kuri ibi bikurikira:
 - ✓ Amashusho y'abanyarubuga asa neza kandi ntabe yahindaguritse ku buryo ataza kuvangavanga uzasoma inkuru yawe.
 - ✓ Suzuma niba ibimenyetso bigaragaza ku banyarubuga bihura n'amagambo bari kuvugaga

Isomo 1.3. Ikinamico

Intego: Nyuma y'iri somo, abiga bazaba bashobora:



- a. Gusobanura neza inshoza y'ikinamico n'uturango twayo nk'igihangano cy'ubuvanganzo bwo muri rubanda
- b. Gutandukanya ikinamico n'izindi ngeri z'ubuvanganzo zijya gusa n'ikinamico
- c. Guhimba ikinamico nziza yubahirije uturango twose kandi kuri buri nsanganyamatsiko yahabwa agendeye ku nsanganyamatsiko y'akamaro k'imyuga n'ubumenyi ngiro
- d. Gukina neza imyitwarire y'abanyarubuga mu ikinamico iyo ari yo yose yahabwa



Igihe giteganyijwe: Amasaha 2



Uburyo bw'imyigishirize: Gusoma ibitabo by'ubuvanganzo birimo amaikinamico, Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi, kumva Radiyo, gukoresha imbuga nkoranyambaga nka youtube, facebook, Instagram, tiktok n'ibindi



Ibikoresho bikenewe:

- Ibitabo by'ubuvanganzo gakondo (ibitabo by'imyandiko)
- Ibitabo by'ikibonezamvugo
- Ikibaho
- Ingwa
- Mudasobwa
- Fulashi
- Inkoranyamagambo
- Projegiteri (projecteur)
- Philipu cati (Fillpchat)
- Marikeri (Marker pens)

Imyiteguro:



- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibaranga bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ Gusuzuma niba abanyeshuri bajya bakenera ubufasha bwihariye

Ingingo nsanganyamasomo:



- ✓ Umuco w'amahoro
- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyorokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo
- ✓ Kugabanya ubushomeri

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:



- Kuvuga neza ururimi rw'ikinyarwanda
- Gusomera ikinyarwanda mu ruhamwe adategwa



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo 8:

1. Saba abanyeshuri barambure igitabo cyabo basome igihangano (umwandiko) kiri ku mwitozo wa 8 bawumve neza kugira ngo basubize ibibazo byakibajijweho.
2. Bwira abanyeshuri bakurikire ku kibaho abe ari na ho basubiriza muri rusange
3. Somesha abanyeshuri uge uhitamo uko bagenda basoma ibibazo baranguruye, wemerere abandi bagende bakubwira ibisubizo ubafashe kubihuza ibyo mwemeje ubyandike ku kibaho

Ibibazo ku mwandiko

1. Muri uyu mwandiko ni bande bavugwamo?
 - **Mariza na Bukesha**
2. Ese mu by'ukuri iki kiganiro kiragaragaza ko byabayeho cyangwa ni ibihimbano?
 - **Oya nta byabayeho ahubwo ni ibihimbano**
3. Ukurikije uturango tw'imyandiko itandukanye uzi, urabona uyu ari ubuhe bwoko?
 - **Ikinamico**

Injira mu isomo nyiri izina wandike umutwe waryo ku kibaho. **ingingo z'ingenzi 1.3** musangire ubumenyi ubasabe kubaza aho batumva nawe ubasubize kugeza buri wese ryumvishe.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo 9:

Soma ibibazo bikurikira maze ubisubize.

1. Ushingiye ku Ikinamico **“Ejo hazaza h’umwana, inshingano zacu”** subiza ibibazo bikurikira
- Andika inyobozi zakoreshejwe muri iyo kinamico

- Papa Mutima ahamagara mama mutima kugira ngo amubaze ibijyanye n’amahitamo ya Mutima ku ishami agomba gukurikirana bananirwe guhuza
- Teddy ahura na mugenzi we biganaga Mutima kumvikana bikagorana kuko mutima
- Marry na mama Mutima babikirwa urupfu rw’impanuka y’indege, amarira yari menshi
- Teddy na Mutima kuri telefoni nyuma yo kumuhindurira ubuzima, Mutima afite amarangamutima menshi

2. Iyo kinamico igizwe n’abanyarubuga bangahe? Bavuge.

a. Ni bane (4) aribo:

- Papa mutima
- Mutima
- Teddy
- Marry

b. Ni izihe ngingo z’ingenzi n’ingingo z’ingereka ziri muri iyo kinamico?

- Kurwanya ubushomeri
- Akamaro k’imyuga n’ubumenyi ngiro
- Kugira urukundo
- Gufashanya

c. Garagaza insanganyamatsiko y’ingenzi iri muri iyo kinamico

- Akamaro k’imyuga n’ubumenyi ngiro

3. Himba interuro zawe wifashishije ano magambo yakoreshejwe mu ikinamico “*Ejo hazaza h’umwana, inshingano zacu*” **Misiyo, Umenengana, Ukwezi, Duhuruze, Ikirenga, Kompanyi**

- Sinzaboneka ejo kuko mpafite **misiyo** y’amahugurwa Azamara iminsi ibiri
- Ijoro ryose ko uraye **imenengana** iwanyu habaye iki?
- **Ukwezi** gutaha nzatangira imenyerezamwuga
- Tuzahangana na bo nibatunanira **duhuruze** inzego z’umutekano
- Sinakora amasaha y’**ikirenga** mu rugo mba mfite izindi nshingano
- Twese turashomye kuko **kompanyi** yacu leta yarayifunze



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo 10:

Shyira abanyeshuri matsinda anganya umubare n’abanyarubuga bari mu ikinamico yasomwe haruguru bafate ibitabo byabo bongere basome ikinamico “Ejo hazaza h’umwana, inshingano zacu” nibarangiza bafate urupapuro bayihine ntibage muni y’amagambo 150 kandi ntibarenze amagambo 200.

- Saba abanyeshuri muri ayo matsinda bakoze bitoze iyo kinamico mur rwego rwo kuzayikinira bagenzi babo mu ruhame.
- Bwira abanyeshuri bahimbe iyabo kinamico ku nsanganyamatsiko y’ibyiza byo kwiga imyuga n’ubumenyingiro mushyiremo abanyarubuga bane, muyihe imiseruko itanu kandi ntirenze impapuro enye

Ibisubizo

1. Impine:

Muri iyi kinamico “Ejo Hazaza h’Umwana, Inshingano zacu” igaruka ku buzima bwa Mutima, umukobwa w’umuryango ufite ibibazo by’imibereho. Mutima yifuza gukomeza amasomo mu bijyanye n’amateka, iyigandimi n’ubukungu, ariko ababyeyi be bafite ibitekerezo bitandukanye ku mahitamo ye. Papa Mutima asaba ko yiga imyuga, ariko Mutima arabyanga akavuga ko ashaka kuba umuyobozi w’amabanki. Nyuma, ababyeyi be bahura n’ibibazo bitandukanye by’ubuzima, nk’impanuka y’indege yahitanye papa Mutima, bikagira ingaruka ku mibereho yabo. Nyuma yo kwiga, Mutima yinjira mu myuga, yiga guteka, kandi ahindura ubuzima bwe abikesheje mugenzi we Teddy wize mbere umwuga wo guteka akiyubaka ku buryo yamuhaye akazi akanamuha amahugurwa mu bijyanye no guteka.

2. Imbonera y’ikosora ku mkinire uzayishingira kuri ibi bikurikira:

- Kuba abakina binjira mu myitwarire y’abanyarubuga
- Kuba bakoresha neza amarangamutima n’ibimenyetso
- Kuba badatera umugongo abo bakinira
- Kubahiriza igihe

- Kuba bagerageje bitwe n’aho bari n’uburyo bushoboka bateguye imyambaro yo gukinana igendanye n’imimerere y’umunyarubuga.

3. Imbonera y’ikosora igomba kugendera kuri bino bikurikira:

- Ikinamico bahimbye igomba kuba yujuje uturango twose tw’ikinamico
- Igomba kuba yujuje amabwiriza yatanze kuri kiriya kibazo



Isuzuma mbonezanyigisho ku mbumbe ya mbere

A. KUMVA UMWANDIKO:

1. Ni uruhe ruhare rw’imyuga n’ubumenyingiro mu buzima bw’umuntu?

- Imyuga n’ubumenyingiro bifasha umuntu kwihangira umurimo, bikamushoboza gukoresha ubumenyi afite mu kubaho neza no kwita ku muryango we.

2. Ni iki gituma imyuga igira uruhare mu kuzamura ubukungu bw’igihugu?

- Imyuga ituma abantu bafite ubumenyi ngiro bakora imirimo itandukanye ikenewe mu muryango, bityo bikazamura ubukungu bw’igihugu binyuze mu mirimo yinjiza amafaranga.

3. Kuki ubumenyingiro bufatwa nk’intwari yo kugabanya ubukene?

- Ubumenyingiro bufasha umuntu kwihangira umurimo cyangwa gukora imirimo yinjiza amafaranga, bityo bikamurinda ubushomeri no kubasha kwita ku buzima bw’umuryango.

1. Ni izihe ngero zigaragaza akamaro k’imyuga n’ubumenyingiro?

- Urugero rw’imyuga ni umukanishi ushobora gutunganya imodoka, akayishyira mu bikorwa byo gutwara abantu n’ibintu, cyangwa umudozi ushobora kudoda imyenda igezweho ikenewe ku isoko.

4. Amashuri yigisha imyuga agomba gukora ate kugira ngo agire uruhare rufatika?

- Amashuri yigisha imyuga akwiye kongererwa ubushobozi, kugira ngo afashe urubyiruko gukura rufite ubushobozi bwo gukoresha ubumenyi rwize mu iterambere.

B. UZURISHA AMAGAMBO AKURIKIRA MU NTERURO ZIKURIKIRA

Imyuga, Ubumenyingiro, Iterambere, Ubukungu, Udushya, Gukemura ibibazo, Amashuri yigisha imyuga, Gukoresha amaboko

1. **Imyuga** ituma umuntu abasha kwihangira umurimo aho gutegereza akazi.
2. Iyo abantu biga **ubumenyi ngiro** babasha gukora ibyo bigirira akamaro ubwabo n'igihugu muri rusange.
3. Kugira ngo igihugu kigere ku **iterambere** rirambye, kigomba gushyigikira imyuga n'ubumenyingiro.
4. Abantu bafite ubumenyi ngiro bafite uruhare rukomeye mu kuzamura **ubukungu** bw'igihugu.
5. Ubumenyingiro bufasha cyane mu **gukemura ibibazo** bihari mu muryango.
6. Kugira ngo **amashuri** atange umusaruro, ni ngombwa kuyashyigikira no kuyongerera ubushobozi.
7. Abantu biga imyuga bashobora **gukoresha amaboko** yabo bakabasha kwihangira umurimo.

C. SUBIZA IBABAZO BIKURIKIRA WIFASHISHIJE UBUMENYI BWawe UHUZA N'IBYO WIZE MURI IYI MBUMBE

1. Iyo bavuze inkuru shusho wumva iki?
 - **Ni ikiganiro gihangitse mu buryo bw'ikinamico gitambutsa ubutumwa bw'abanyarubuga amagambo bavuga abangikanye n'amashusho y'abayavuga**
2. Vuga nibura uturango 10 tw'inkuru shusho
 - **Imvugo ngobe, urukiramende, imvugo ndoto, akarangandoto, agatoki, uruvugiro, abanyarubuga, akazu, idirishya, agakino, umurambara, igipande.**
3. Vuga uturango tw'ikinamico nibura 8

Abanyarubuga, ururondogoro, imvugano, inyishyu, umuseruko, agakino, igice cy'ikinamico, umutwe w'ikinamico, umwinjizo, inyobozi, iherezo, imvugo nkana
4. Ni utuhe turango tw'inkuru shusho dusobanurwa muri buno buryo?
 - a. Umwanya urimo ibisobanuro byitwa imvugo ngobe: **Urukiramende**
 - b. Impera z'ishusho cyangwa z'akazu: **Idirishya**
 - c. Ruhererekane rutambitse rw'amashusho: **Umurambararo**
 - d. Amagambo atera amatsiko aba akangurira abakurikiye umukino kuza kumva neza: **Umunjizo**
 - e. Amagambo yatinze y'umunyarubuga: **Ururondogoro**
 - f. Amagambo umunyarubuga asubiza mugenzi we : **Inyishyu**

5. Ushingiye ku myubakire y'ikinamico vuga ibice biyigize unabisobanure

- a. **Intango:** muri iki gice hagaragaramo uko ubuzima buba busanzwe muri rusange, abantu babanye neza nta kibazo bafitanye.
- b. **Kidobya:** nko mu nkuru, kidobya ni akantu kaza kakaba imbarutso kagahindura ibintu uko byari bimeze. icyo gihe uko ibintu byari bisanzwe birahinduka, niba ari nk'ikibazo kivutse kigashakirwa igisubizo.
- c. **Inkubiri y'ibikorwa:** muri iki gice ni ho dusobanukirwa inkuru koko. Abanyarubuga bakagaragaza ya myifatire cyangwa imico itandukanye baba bakina.
- d. **Umwanzuro:** muri iki gice ni ho tubona uko inkuru irangiye. Mu mwanzuro ikinamico ishobora kurangira imaze amatsiko cyangwa igasiga mu rujijo abayiteze amatwi cyangwa abayireba.
- e. **Amaherezo:** muri iki gice hagaragaramo uko byagenze nyuma y'ikemuka ry'ikibazo runaka cyangwa se nyuma y'uko ikibazo gikomeza kuba insobe. Aha ni na ho hagaragara abagiriye inyungu muri kwa gukemuka cyangwa kudakemuka kw'ikibazo



Iby'ingenzi ngomba kwibuka mu mbumbe ya mbere

Iyi mbumbe igizwe n'ingingo eshatu ariko zose zikubiye ku nsanganyamatsiko y'ibyiza by'ubumenyi ngiro:

- Umwandiko ku nsanganyamatsiko y'imyuga n'ubumenyi ngiro: Twabonyemo ko imyuga n'ubumenyi ngiro bigira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu kuko bigabanya ubushomeri, igashingirwaho mu kwihangira umurimo
- Inkuru shusho: twabonye ko ari igihangano gihimbitse mu buryo bw'ikinamico gitambutsa ubutumwa kikabangikanya amagambo n'amashusho y'abanyarubuga bayavuga
- Imvugo ngobe, urukiramende, imvugo ndoto, akarangandoto, agatoki, uruvugiro, abanyarubuga, akazu, idirishya, agakino, umurambara, igipande.
- Muri iyi mbumbe kandi hagaragaramo ikinamico. Dusanga ari igihangano gihimbitse mu buryo bwo kwigana imigenzereze, imyitwarire n'ingeso by'abantu, ugakinirwa mu ruhamwe cyangwa ku bikoresho by'ikoranabuhanga nka Radiyo, Televiziyo.
- Dusanga kandi ikinamico irangwa n'ibi bikurikira: Abanyarubuga, ururondogoro, imvugano, inyishyu, umuseruko, agakino, igice cy'ikinamico, umutwe w'ikinamico, umwinjizo, inyobozi, iherezo, imvugo nkana.



Kwisuzuma kw'abanyeshuri

1. Bwira abanyeshuri bisubiremo kuva ku ntangiro y'iyi mbumbe baruzuzura imbonerahamwe iri mu gitabo cyabo kugira ngo bagaragaze aho bafite imbaraga n'aho bafite intege nke bakwiriye kuzamura.
2. Ganira n'abanyeshuri ku bisubizo batanze kugira ngo umenye aho benshi bafite ibibazo ubagenere igihe uzabafashiriza (urugero ushobora kubafasha mu isaha ya mbere yuko utangira isomo rishya).

UMUSARURO W'INYIGISHO 2: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AGARAGAZA UBURYO BUNYURANYE BWO GUKEMURA AMAKIMBIRANE NO KWANDIKA AGARAGAZA UBUTINDE BW'IMIGEMO N'IMITERERE Y'AMASAKU



Umusaruro w'inyigisho 2: Kwisuzuma kw'abanyeshuri

1. Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho (mu gitabo cy’umunyeshuri), baganire ku byo babonaho, ibyigwa batekereza ko iyi mbumbe yibandaho bagendeye ku ishusho. Nyuma yo kwakira ibitekerezo binyuranye, batsindagire iby’ingenzi iyi nyigisho yibandaho.
2. Saba abanyeshuri kuzuza imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abanyeshuri bafite ku mbumbe y’inyigisho igiye kwigwa ari ukubafasha kwimenyereza ibyigwa biyikubiyemo, hakabaho kumenya ibyo baziho n’ibyo batazi mbere yo kuyitangira. Ku musozo wayo bazakora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n’ahakeneye kongerwamo imbaraga.



Ubushobozi fatizo:

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
1. Gusobanuro nkuko bikwiriye inshoza y’amakimbirane	1. Gutandukanya ubwoko ubu n’ubu bw’amakimbirane	1. Guhitamo uburyo bwiza bwo gukemura amakimbirane
2. Gusobanura neza inshoza y’ubutinde mu migemo y’amagambo	2. Kugaragaza mu ijambo inyajwi yatinze ku mugemo uyu n’uyu w’ijambo.	2. Gushyira ibimenyetso by’ubutinde ku mugemo buriho no Gusoma neza ijambo buherereyemo no gutanga ingero z’andi magambo bisomeka kimwe
3. Gusobanura nkuko bikwiye inshoza y’isaku	3. Gutanga ingero zinyuranye z’amagambo afitanye imiterere y’amasaku avugika kimwe	3. Gusoma neza no gushyira isaku ku nyajwi ririho mu ijambo



Umwitozo 11:

Baza abanyeshuri ibi bibazo bikurikira, ugerageze kwerekeza ibisubizo byabo ku isomo rigiye kwigwa

1. Witegereje amashusho ari ku ntangiriro iri kuri iyi mbumbe urabona abantu bagaragaraho bameranye bate?

- Barimo gutongana, barashyamiranye, bararakaraniye, bagiye kurwana

2. Ese utekereza impamvu bameranye batyo yaba yatewe n'iki?

- Bashobora kuba hari uwatutse undi
- Hari uwendereje undi
- Hari uwibye undi?
- Ni byinshi bapfa.....

3. Ese urabona barimo kuvuga rumwe?

- oya

4. Iyo abantu batavugaga rumwe abandi bavugaga ko bagiranye iki hagati yabo?

- Bakimbiranye (bafitanye amakimbirane)
- Bashwanye

5. Vuga ibitu bitanu nibura byakurura amakimbirane mu mibanire y'abantu n'abandi.

- Kubeshyerana
- Kuryaryana
- Gupfa imitungo
- Kugirana igomwa.....

6. Tanga inzira nibura eshanu rusange zo gukemura amakimbirane

- Ikiganiro hagati kubayagiranye
- Gushaka umuhuza hagati y'abagiranye amakimbirane
- Kureka ibintu uko bimeze bikazirangiza byo ubwabyo
- Gutanga imbabazi, Guca bugufi ugasaba imbabazi.....

7. Emeza umutwe w'isomo, uwandike ku kibaho.

Isomo 2.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko y’uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane

	Intego: Nyuma y’iri somo uwiga araba ashobora: - Gusobanura neza ijambo amakimbirane icyo ari cyo ugereraniye n’izindi mvugo - Kugaragaza uburyo rusange bwahurirwaho mu gukemura amakimbirane - Gusobanura neza ubutinde bw’umugemo n’imiterere y’amasaku mu ijambo - Kutandukanya no gukoresha neza ubutinde bw’imigemo n’imiterere y’amasaku mu ijambo cyangwa mu nteruro
	Igihe giteganyijwe: isaha 1
	Uburyo bw’imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n’ibindi, gutanga ibitekerezo byandikwa ku kibaho
	Ibikoresho bikenewe: Ibitabo by’ubuvanganzo gakondo (insigamigani n’ibitekerezo byo muri rubanda), Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by’ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo, ibitabo by’ikibonezamvugo.
	Imyiteguro: ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo. ☐ Kureba niba aho bigira nta bibarangaza bihari. ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye, ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n’ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiye. ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye. ☐ Kugenzura niba hari abanyeshuri bakenera ubufasha bwihariye.
	Ingingo nsanganyamasomo: ✓ Umuco w’amahoro ✓ Uburinganire n’ubwuzuzanye

- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyorokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenoside n'ingabitekerezo yayo
- ✓ Kwihangira umurimo
- ✓ Kurwanya ibiyobyabwenge

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:



- Gutandukanya amahoro n'amakimbirane
- Kuba yumva neza ko yaba ubutinde cyangwa isaku bifata ku nyajwi bidafata ku ngombajwi.
- Gutandukanya umugemo w'ijambo n'akaremajambo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 12:

GUSOMA

1. Somesha abanyeshuri bucece umwandiko uri mu gitabo cyabo w'umwitozo wa 12
2. Mu gihe basoma bucece, saba abanyeshuri kwirinda guhwihwisa ngo batarogoya bagenzi babo bakababwira kumva ibyo basoma, cyangwa ishuri rigahinduka urusaku n'akajagari. Babuze kandi gushyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kunamiriza mu byo basoma kuko bibangiza amaso kandi bikabananiza ku buryo badakurikira neza igice k'isomo gisigaye.
3. Nyuma y'iminota wahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, bwira umunyeshuri umwe abasomere aranguruye na bo bakurikire mu bitabo byabo bagendane na we, ariko bashaka mu mwandiko amagambo atumvikana bayandike mu makayi yabo y'imyitozo

4. Bwira abanyeshuri bakubaze amagambo yo mu mwandiko batasobanukiwe ugende uyandika ku kibaho ari na ko uyabasobanurira
5. Basabe kubumba ibitabo byabo, hanyuma ubabaze ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko

IBIBAZO:

Ibibazo byo kumva umwandiko

A. SUBIZA IBYO BIBAZO BYABAJIWE UKURIKIJE IBISUBIZO BIRI MU MWANDIKO

1. Rugwe yari afite ikibazo ki ku bijyanye no kuba **yakwima ingoma** se yamuraze?
 - **Yari yarazingamye kubera izoka yaroze**
2. Cyenge **yari afite** isezerano ki yagiriye Ruganzu I?
 - **Gutwarira ingoma Rugwe kugeza akize akagira ubushobozi bwo kuyobora.**
3. Ni gute Cyenge yatozaga Rugwe nyuma yo **kumukuramo** inzoka yari yararoze?
 - **Yamuzanaga ku karubanda gukemura ibibazo by'abaturage igihe byabaga byabayeho.**
4. **Abagabo** baburanaga bapfaga iki?
 - **Impongo yarashwe**

B. SHAKA MU MWANDIKO AMAGAMBO AHUJE IGISOBANURO N'AYA MAGAMBO ATSINDAGIYE ARI MURI IBYO BIBAZO BYABAJIWE HARUGURU.

1. Rugwe yari afite ikibazo ki ku bijyanye no kuba **yakwima ingoma** se yamuraze?
 - **Yatwarirwaga**
2. Cyenge **yari afite** isezerano ki yagiriye Ruganzu I?
 - **Yagiranye**
3. Ni gute Cyenge yatozaga Rugwe nyuma yo **kumukuramo** inzoka yari yararoze?
 - **Kumuvura**
4. **Abagabo** baburanaga bapfaga iki?
 - **Abatangabuhamya**



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo 13:

- ▶ Bwira abanyeshuri basome umwandiko bucece (uko Cyenge yatwariye Rugwe akiri umwana)
- ▶ Saba abanyeshuri bafate amakayi y'imyitozo basubirizemo ibibazo bibajije kuri uwo mwandiko.

IBIBAZO:

1. Vuga ingingo z'ingenzi n'izingereka zigize umwandiko (inshamake y'umwandiko)
 - Kuzirikana isezerano wagiranye n'umuntu cyangwa abantu
 - Uburyo bwo gukemura amakimbirane
 - Umuco w'amahoro
 - ubutabera
2. Insanganyamatsiko y'ingenzi iri mu mwandiko ni iyihe?
 - Gukemura amakimbirane
3. Ni irihe somo ry'ingenzi dukura mu mwandiko
 - Kuba inyangamugayo ku isezerano uba waragiranye n'umuntu
4. Tanga ingero zifatika zihamya uburyo Cyenge yakemuyemo amakimbirane.
 - yanzuye ko nyiri imbongo ari uwatanze abagabo bamubonye ayirasa
 - yasabiye ikiramuro undi muhigi wayiburanaga kugira ngo na we atuze
5. Sobanura mu magambo yawe bwite mu nteruro ngufi amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko
 - **Rubanda:** Umuryango mugari w'abaturage bose.
 - *Urugero: Rubanda ni bo bafasha igihugu kugera ku iterambere.*
 - **Igikomangoma:** Umwana w'umwami ufite amahirwe yo kuzasimbura umwami.
 - *Urugero: Igikomangoma cyitabiriye inama y'abaturage.*
 - **Kuzingama :** Kugoreka cyangwa kuniga ikintu kugira ngo kitagenda neza.

- **Urugero:** *Ntukazinge gahunda zacu, twese **turazikeneye**.*
- **Gutera Impagarara:** Gukora ibintu bishobora gutuma abantu batabona amahoro.
 - *Urugero:* *Imvugo mbi ye yateye **impagarara** mu nama.*
- **Kondora:** Kwicara cyangwa kuguma ahantu udakora cyangwa ugenda buhoro.
 - *Urugero:* *Waretse **gukondora** ugangira gukora akazi?*
- **Ku Karubanda:** Aho rubanda bose bashobora kureba no kubona; mu ruhame.
 - *Urugero:* *Yashyizwe **ku karubanda** kubera amakosa ye.*
- **Imanza Zisobetse:** Ibibazo byinshi bikomeye kandi bigoye gukemura.
 - *Urugero:* *Umuryango wabo urimo **imanza zisobetse** zikwiye kuganirwaho neza*
- **Abagabo:** Abantu bakuru b'igitsina gabo, cyangwa abantu b'intwari kandi b'inyangamugayo.
 - *Urugero:* ***Abagabo** bari ku isonga mu kurwanira igihugu.*
- **Kuvumbura:** Gushakisha ukabona ikintu gishya cyari kitaramenyekana.
 - *Urugero:* *Abashakashatsi **bavumbuye** uburyo bushya bwo kuvura indwara.*
- **Ikiramuro:** Bike mu byari biteganyijwe
 - *Urugero:* ***umuhigi** umwe yahawe **ikiramuro** ngo ataviramwo aho*



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitoto wa 14:

Saba abanyeshuri gusoma umukoro amagambo yatanze ku mwitoto wa 14 kandi bawusubize.

Igikomangoma, kuzingama, gutera impagarara, kondora, ku karubanda, imanza zisobetse, abagabo, kuvumbura, ikiramuro

1. Himba interuro zawo bwite imwe imwe ukoresheje aho magambo yakoreshejwe mu mwandiko.
 - **Igikomangoma** cy'umwamikazi Elizabeth kitwa Karoli (Charles)
 - Imirire mibi itera **kuzingama** ku bana

- Bagihana bamwe muri bo ntibongeye **gutera impagarara**
- Iyo ukiza uburwayi bukomeye biba **kukondora** ugafata uturaso
- Cyenge yazanaga **ku karubanda** igikomangoma ngo kitoze guca imanza
- **Imanza sisobetse** nibwo igisambo cyafashwe
- Iyo ufite **abagabo** mu rubanza ushobora kurutsinda
- Biragoye **kuvumbura** vuba ko umuntu akubesha
- Haguye umuyaga ibitoki byose biragwa habura n'ikiramuro

2. Mwifashishije itsinda mugendeye ku mubare urigize muhimbe umukino ugaragaza uburyo bwo gukemuramo amakimbirane, uwo mukino nturenze iminota icumi.

Imbonera y'ikosora cyangwa inyunganizi bizagenda kuri ibi bikurikira:

- Amabwiriza atanzwe mu kibazo.
- Uturango tw'ikinamico
- Kumva niba imyubakire yayo ishingiyeye ku bice biba biyubatswe
- Uburyo abakina binjira mu munyarubuga.

Isomo 2.2: Ubutinde

Intego: Nyuma y'iri somo uwiga araba ashobora:



- Gusobanura neza inshoza y'ubutinde bw'umugemo mu ijamba cyangwa mu nteruro bwakoreshejwemo.
- Kugaragaza mu buryo bw'imyandikire ubutinde cyangwa ububanguke bw'umugemo mu isambo cyangwa se interuro.
- Gusoma neza no gutanga ingero zihagije by'amagambo arimo ubutinde.



Igihe giteganyijwe: Amasaha 2



Uburyo bw'imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, imyitozo, kuvugiriza wumva ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku, Gukoresha amagambo fatizo (umugabo, umusôre, umugorê, umugaanda, umwâana, umwâami, umusâavê, saavê, inzu, isi) no kuyahuza n'ayo bisomeka kimwe, gukoma mu mashyi uvuga imigemo y'ijamba uburyo itebuka cyangwa itinda.

Ibikoresho bikenewe:

Ibitabo by'ubuvanganzo gakondo (insigamigani n'ibitekerezo byo muri rubanda), n'iby'ikibonezamvugo, Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo, filipu cati, amakaramu.....

Imyiteguro:

- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibarangaza bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ Kugenzura niba haba hari abanyeshuri bakenera ubufasha bwihariye

Ingingo nsanganyamasomo:

- ✓ Umuco w'amahoro
- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyorokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo
- ✓ Kurwanya ubushomeri no kwihangira umurimo

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi

- Gutandukanya inyajwi, ingombajwi n'umugemo bigize ijambo
- Gusoma no kwandika amagambo aba mu rurimi rw'ikinyarwanda agabanya ibimenyetso.



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 15:

1. Saba abanyeshuri gusoma banatekereza ku miterere by'amagambo yatanze ku mwitozo wa 14 uri mu gitabo cyabo kuko baraza gusubiza ibibazo byabayabajijweho hasi.
2. Bwira abanyeshuri bagereranye imivugirwe n'imyandikire y'amagambo ari mu mpushya zombi **uruhushya A** n'**uruhushya B** bashingire no ku bisobanuro agiye afite mu dukubo nibarangiza bagaragaze itandukaniro ryayo hakurikijwe uko asomwa.
3. Saba abanyeshuri bagaragaze umugemo bumvishe ayo magambo yo mu mpushya zombi atandukaniyeho
4. Saba abanyeshuri bagaragaze impamvu yatumye hari imigemo yagiye itandukana mu mpushya zombi

IBIBAZO:

1. Witegereje ibimenyetso by'inyajwi n'inyuguti byubatswe ayo magambo urabona ari bimwe cyangwa biratandukanye?

Nta bwo ari bimwe.

2. Soma ijambo rimwe mu ruhushya A ukurikije igisobanuro cyaryo kiri mu dukubo nurangiza uhite usoma iryo biteganye riri mu ruhushya B ukurikije na ryo igisobanuro cyaryo kiri mu dukubo uvuge itandukaniro wumvishe riri mu mivugirwe y'amagambo ari mu ruhushya A n'ayari mu ruhushya B.

Amagambo ari mu ruhushya A imigemo iyagize yose iratebuka ariko Ayari mu (ruhushya B) biteganye harimo ubutinde

- a. Garagaza umugemo wumvishe atandukaniyeho.

Biragaragara ko ari ku mugemo wa kabiri inyajwi yisubiyemo.

- b. Kuba uwo mugemo utandukanye n'uwo mu ijambo riri mu ruhushya biteganye byatewe n'iki

Ni uko inyajwi ifashe kuri uwo mugemo yisubiyemo



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 16:

Saba abanyeshuri gusoma igika cy’umwandiko kiri ku mwitozo wa 16 mu bitabo byabo bakurikize amabwiriza bahawemo bakosore uwo mwitozo

Maze Cyenge asaba Rugwe gucira abo bantu urubanza. Rugwe niko kubaza uwa mbere ati “Ese harya ngo ni wowe wabanje kurasa iriya nyamaswa?” Undi ati “yeee. Ni jye rwose”. Ni uko igikomangoma kiti “zana abagabo bakubonye uyirasa bavuge nibyivumbura” Umuhigi ati “Reka nari jyeneyine”. Igikomangoma niko kubaza uwari usigaye nkibyo cyabajije uwa mbere. Undi aherako azana abo yayirashe barora. Maze Rugwe abwira uwari uzanye abagabo ati “inyamaswa ni iyawe wowe ufite abahamya ariko uko byumvikana uriya yayigusongeye. Bityo urayijyana ariko nawe umuhe ikiramuro”.

IBIBAZO:

A. TORANYA AMAZINA BWITE N’AMAZINA RUSANGE ARI MURI KINO GIKA

- Amazina bwite: Cyenge, Rugwe,
- Amazina rusange: Abantu, inyamaswa, abagabo, umuhigi, abahamya

B. BURI ZINA RIGABANYEMO IMIGEMO RIGIYE RIFITE UNAGARAGAZE IMITERERE Y’IYO MIGEMO UKURIKIJE AHANTU IGIYE IFITE UBUTINDE.

- Amazina bwite: Cyenge: (Cyêe-nge) Rugwe: (Ru-gwe)
- Amazina rusange: Abantu: (a-baa-ntu) inyamaswa: (i-nya-mâa-swa) abagabo (a-ba-ga-bo) umuhigi: (u-mu-hîi-gi) abahamya (a-ba-ha-myâ)

C. VANGURA AYO MAZINA UYASHYIRE MU MPUSHYA EBYIRI UGENDEYE KU BUTINDE AFITE CYANGWA ADAFITE.

Uruhushya A(Atebuka)	Uruhushya B(Atinda)
Rugwe	Cyêenge
Abagabo	Abaantu, umuhigi
Abahamyâ	Inyamâaswa



Igikorwa cya 3: Umukoro ngiro



Umwitozo wa 17:

Bwira abanyeshuri bafate amakayi yabo y’imyitozo bakore umwitozo wa 17uri mu bitabo byabo, bubahiriza amabwiriza yatanze.

1. Wifashishije amazina bwite y’ikinyarwanda y’abanyeshuri mwigana bose:
 - a. Yandukure yose ku rupapuro uko yakabaye nibura izina rimwe ry’ikinyarwanda.
 - b. Garagaza imigemo igize buri zina wifashishije ubutinde cyangwa ubutebuke rifite.
 - c. ca impushya ebyiri uyatandukanye ushingiyeye ku butinde afite cyangwa adafite (ku bubanguke bwayo).
2. Himba interuro 3 zawe bwite buri nteruro ibe yifitemo amazina bwite abiri afite imigemo ibiri ibanguka inshinga zigize iyo nteruro zibe zifitemo imigemo itinda.

Sangiza mugenzi wawe umukoro wakoze muwuganireho akunganire aho biba ngombwa.

Akazi ka mwarimu:

Mu gihe abanyeshuri babiri babiri bicaranye basangizanyaga ibyo bakoze bakanunganirana, Basabe bafate urupapuro rumwe bandikeho amazina yabo baturize hamwe ibisubizo.

- Ku kibazo cya mbere bifashishe amazina atanu bahuriyeho.
- Ku kibazo cya kabiri baturize hamwe ibitekerezo bakore interuro eshatu.
- Nibarangiza gukora bakwereke ibyo bakoze ubakosore.

Isomo 2.3: Amasaku

Intego: Nyuma y’iri somo uwiga araba ashobora



- a. Gusobanura byimazeyo inshoza y’isaku nyesi n’isaku nyejuru bigaragara mu magambo agize ururimi rw’ikinyarwanda.
- b. Kugaragaza mu ijambo inyajwi ziri mu mugemo zifite isaku nyesi cyangwa isaku nyejuru.
- c. Gutanga ingero z’amagambo afite amasaku nyesi cyangwa afite amasaku nyejuru



Igihe giteganyijwe: Amasaha 2



Uburyo bw'imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, gusoma amagambo atandukanye no kuyagereranya, Gukoresha amagambo fatizo (umugabo, umusôre, umugorê, umugaanda, umwâana, umwaâmi, umusâavê, saavê, inzu, isi) no kuyahuza n'ayo bisomeka kimwe, gukoma mu mashyi uvuga imigemo y'ijambo uburyo itebuka cyangwa itinda.



Ibikoresho bikenewe:

Ibitabo by'ubuvanganzo gakondo (insigamigani n'ibitekerezo byo muri rubanda), Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by'ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo



Imyiteguro:

- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibarangaza bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ Kugenzura niba nta banyeshuri bakenera ubufasha bwihariye



Ingingo nsanganyamasomo:

- ✓ Umuco w'amahoro
- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo
- ✓ Kurwanya ibiyobyabwenge

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi



- Gutandukanya inyajwi, ingombajwi n'umugemo bigize ijambo
- Gusoma no kwandika amagambo aba mu rurimi rw'ikinyarwanda agabanya ibimenyetso.
- Imiterere y'ubutinde cyangwa ubutebuke bw'imigemo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 18:

1. Andukura umwitozo wa 18 uri mu gitabo cy'umunyeshuri ku kibaho uko wakabaye.
2. Saba buri munyeshuri gusoma no kwitegereza umwitozo w'amagambo ari mu mpushya zihari mu rwego rw'uko baraza gusubiza ibibazo biyashingiyeho.
3. Bahe iminota mike bitegereze uwo mwitozo banawutekerezaho bagera kuwukorera mu makayi yabo y'imyitozo.
4. Basabe kurekera kwandika bakurikire ku kibaho, uge ubwira umunyeshuri umwe umwe aze ku kibaho akosorereho ibyo yakoreye mu ikayi ye, aho biba ngombwa umwunganire uganisha kubisubizo by'ukuri.

Uruhushya A	Uruhushya B
Inzu	Ifi
Ibuye	Intare
Umugabo	Umugore
Akanyamaso	Insoresore
Amazirantoki	Ikibonobono

Ibibazo.

1. Witegereje ibimenyetso by'inyajwi n'umubare w'imigemo byubatswe ayo magambo urabona ari bimwe cyangwa biratandukanye?
 - **Umubare w'imigemo ni umwe ariko ibimenyetso si bimwe**

2. Soma ijambo rimwe mu ruhushya A nurangiza uhite usoma iryo biteganye riri mu ruhushya B uvuge itandukaniro wumvishe riri mu mivugirwe y'izamuka cyangwa imanuka ry'inyajwi by'amagambo ari mu ruhushya A n'ayari mu ruhushya B.

- Mu ruhushya B harimo imigemo ifite isaku nyajuru mu gihe mu ruhushya A imigemo yose ivugirwa hasi.

3. Ca imbonerahamwe igaragaza imigemo igize buri jambo mu ruhushya rwaryo iyo migemo uyihe inomero ukurikije uko ikurikirana.

Uruhushya A	Uruhushya B
Inzu: i:1 nzu:2	Ifi: i:1 fi:2
Ibuye: i:1 bu:2 ye:3	Intare: i:1 nta:2 re:3
Umugabo : u:1 mu:2 ga:3 bo:4	Umugore: u:1 mu:2 go:3 re:4
Akanyamasyo: a:1 ka:2 nya:3 ma:4 syo:5	Insoresore: i:1 nso:2 re:3 so:4 re:5
Amazirantoki:a:1 ma:2 zi:3 raa:4 nto:5 ki:6	Ikibonobono: i:1 ki:2 bo:3 no:4 bo:5 no:6

4. Garagaza nomero y'umugemo wo mu ruhushya uru n'uru watandukanye n'inomero y'umugemo mu ruhushya rwayibanjirije wifashishije gutsindagira iyo migemo.

Uruhushya A	Uruhushya B
Inzu: i:1 nzu:2	Ifi: i:1 fi:2
Ibuye : i:1 bu:2 ye:3	Intare : i:1 nta:2 re:3
Umugabo : u:1 mu:2 ga:3 bo:4	Umugore: u:1 mu:2 go:3 re:4
Akanyamasyo: a:1 ka:2 nya:3 ma:4 syo:5	Insoresore: i:1 nso:2 re:3 so:4 re:5
Amazirantoki:a:1 ma:2 zi:3 raa:4 nto:5 ki:6	Ikibonobono: i:1 ki:2 bo:3 no:4 bo:5 no:6

5. Ongera wandukure ayo magambo yose mu mpushya asanzwe arimo ku mugemo wumva uzamuka ushyire hejuru y'iyo nyajwi akamenyetso''^''.

Uruhushya A	Uruhushya B
-------------	-------------

Inzu	Ifi
Ibuye	Intâre
Umugabo	Umugorê
Akanyamaso	Insôresôre
Amazirantoki	Ikibônobôno

Ibibazo byose birangiye bwira abanyeshuri batnge izindi ngero muzisesengure mufatanije n’abanyeshuri. Maze ubasabe gukurikira ku kibaho ingingo z’ingenzi 2.3 basobanuze aho batumwise neza.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 19:

Saba abanyeshuri gusoma igika gikurikira hanyuma basubize ibibazo biyashingiyeho muri uyu mwitozo

Maze Rugwe abwira uwari uzanye abagabo ati: “inyamaswa ni iyawe wowe ufite abahamya ariko uko byumvikana uriya yayigusongeye. Bityo urayijyana ariko nawe umuhe ikiramuro”. Maze ababuranyi bombi banyurwa nimyanzuro bagenda bishimye. Uhereye ubwouburyo bwo gushora abantu mu icibwa ryurubanza rikurwa no kuja hazanwa abatangabuhamya bitwa abagabo.

A. VANGURA AYO MAGAMBO ATSINDAGIYE AYAFITE AMASAKU NYESI UYASHYIRE UKWAYO, AYAFITE AMASAKU NYEJURU NAYO UYASHYIRE UKWAYO.

Uruhushya A (ayafite isaku nyesi)	Uruhushya B (ayafite isaku nyejuru)
Rugwe, abwiira, abagabo, ati, yaayigusoongeye	Mâze, uwarî, inyamâaswa, iyâawê Abahamyâ, arîko, ukô, byuumvîikana Urîiya,

B. SHYIRA UBUTINDE N’AMASAKU KU MAGAMBO AKURIKIRA: UMUKOZI, IGISABO, AMARERE, IKIZIBAHU, IMBAMUTIMA

- Umukozî, igisaabo, amarêêrê, ikizîbahû, imbâamutîma

C. SHYIRA UBUTINDE N’AMASAKU KU NTERURO ZIKURIKIRA

- Asa nka Mutoni: **Asa nka Mûtoni**
- Inka n’întama birabana: **Inkâ n’întama birabâana**
- Ibara ry’umukara riba ryiza: **Ibara ry’ûmukara riba ryiizâ**



Igikorwa cya 3 : Umukorongiro



Umwitozo wa 20 :

1. Iyo bavuze ijamba amasaku wumva iki?

- **Ni ukuvugira hasi cyangwa hejuru ku inyajwi mu mugemo w’ijamba**

2. Garagaza amagambo makumbyabiri avugika na buri jambo rimwe muri aya unagaragaza ubutinde n’amasaku

a. Umuvure

b. Umukambwe

c. Ngwino

d. Kudoda

- **Ntibyoroshye kuba hano twabaha ingero ngo zihure n’izo buri munyeshuri yavuga twaba dusushe nk’abatangira umurezi biryo n’abanyeshuri ntibaze kwisanzura ku bisubizo byabo**

3. Tandukanya amagambo akurikira yandikwa kimwe ariko ntasomwe(ntavugwe) kimwe ukoresheje ubutinde n’amasaku.

a) Kureshya (umugeni) ≠ Kureshya (kudasumbana)

- Kureshyâ (umugeni) ≠ Kureeshya (kudasumbana)

b) Inda (atwite) ≠ Inda (agasimba)

- **Inda (atwite) ≠ Indâ (agasimba)**

c) Isoko (y’amazi) ≠ Isoko (bahahiraho)

- **Isôoko** (y'amazi) ≠ **Isokô** (bahahiraho)
d) Kurara (kujya ahantu ntutahe) ≠ Kurara (gusaduka kw'isekuru)
- **Kurâara** (kujya ahantu ntutahe) ≠ **Kuurara** (gusaduka kw'isekuru)
e) Gufungura (kurya) ≠ Gufungura (gukingura)
- **Gufuungura** (kurya) ≠ **Gufuunguura** (gukingura)



Isuzuma mbonezanyigisho ku mbumbe ya kabiri

Soma ino nyandiko usubize ibibazo bikurikira.

Umwandiko: Iyungwa ry'abavandimwe babiri n'abaturanyi babiri

Umunsi umwe, abantu bane barimo abavandimwe babiri n'abaturanyi babiri baburanaga ku kibazo cy'ubutaka. Babwiranaga amagambo akomeye, buri wese ahamya ko ubutaka ari ubwe. icyo kibazo cyabaye inzitizi ku mibanire yabo. Abacamanza babiri b'inararibonye barahamagajwe kugira ngo bakemure icyo kibazo. Bategetse ko buri wese atanga ibimenyetso n'ubuhamya byerekana ko ubutaka ari ubwe. Nyuma yo kumva buri ruhande no kugenzura ibihamya, basanze ubutaka bwari ubw'umwe muri abo bavandimwe, ariko kubera kubura amasezerano yanditse, bagombaga gusaranganya. Abacamanza bafashe icyemezo cyo gusaranganya ubutaka ku buryo buri wese agira aho asarura ariko hagashyirwaho urubibi rugaragara. icyo cyemezo cyashimishije bose maze bongera kubana mu mahoro.

A. IBIBAZO KU MWANDIKO

1. Ikibazo cyari cyabaye hagati y'abantu bane cyari cyerekeye iki?
 - **Bapfaga ubutaka**
2. Ni bande bahamagajwe kugira ngo bakemure amakimbirane?
 - **Ni abacamanza**
3. Ni izihe ngamba abacamanza bakoresheje kugira ngo bakemure ikibazo?
 - **Basatuyemo kabiri**
4. Ni iki cyagaragajwe nk'ikibura mu bimenyetso byatanze n'impande zombi?

- **Amasezerano yanditse**

5. Abacamanza banzuye iki ku kibazo cy'ubutaka?

- **Bashyizeho urubibi rugaragara**

6. Ni gute abavandimwe n'abaturanyi bakiriye icyemezo cy'abacamanza?

- **Bacyakiriye neza cyane/baranyuzwe**

7. Isomo nyamukuru riri muri uyu mwandiko ni irihe?

- **Kugira uburyo bwiza bwo gukemuramo amakimbirane**

B. EREKANA IMIGEMO YA BURI JAMBO MURI IYI NTERURO YAKORESHEJWE MU MWANDIKO UGARAGAZE N'UMUBARE WAYO

- **Icyo cyemezo cyashimishije bose.**

ijambo	icyo	cyemezo	Cyashimishije	Bose
imigemo	I: cyo	Cye:me:zo	Cya:shi:mi:shi:je	Bo:se

C. Himba amazina rusange atanu atanu avugika kimwe na zino nshinga uko zisomeka unashyireho ibimenyesto by'ubutinde n'amasaku

1. Barimo
2. Bategetse
3. Gufata
4. Basanze

Kuri kino kibazo ntibyakoroha ko ayo twabaha yahura neza n'ayo abanyeshuri bazasubiza, byaba bisa nko kubashyirira imipaka ku ntekerezo ahubwo wowe mwarimu urimo kubafasha kubakosorera rino suzumabushobozi uzabafashe kuvumbura andi menshi.

D. Andika interuro zikurikira mu nyandiko igaragaza ubutinde n'amasaku.

1. Ni byiza kumenya ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro.
 - **Ni byiizâ kumenya ubuzima bw'îmyôôrorokere nô kubôneza urubyâaro**
2. Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.
 - **Akabaando k'îmiînsi gaciibwa kare kakabiikwa kure**

3. Urasana n’iminsi ntakura mu ruge.

- **Urâsana n’îmiînsi ntaakurâ mu ruge**

4. Mu gitondo nabonye Iribagiza.

- **Mu gitôondo naboonye Iribâgiza**

5. Nyinawumuntu n’umugabo we bahoranaga amakimbirane kubera kutumva neza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye.

- **Nyinawûmuuntu n’ûmugabo wê baâhoranaga amakiîmbiirane kubêera kûtuumvâ neezâ ihamê ry’ûburiînganire n’ûbwuûzuzanye.**

Iby’ingenzi bigomba kwibukwa mu mbumbe ya kabiri

- Muri iyi mbumbe twabonyemo uburyo butandukanye bwo gukemura amakimbirane ubwibanzweho mu mwandiko ni ubwo gushaka umuhuza
- Tubonamo kandi inshoza y’imigemo, inshoza y’ubutinde ndetse n’inshoza y’amasaku
- Twabonye ko ijambo rishobora kugira umugemo umwe cyangwa imigemo irenze umwe
- Twabonyeko ubutinde ari ukwisubiramo kw’inyajwi ku mu gemo runaka
- Twabonyemo ko amasaku ari ukumanuka cyangwa kuzamuka kw’inyajwi ku mugemo runaka w’ijambo
- Twabonye imihindagurikire y’amasaku mu nteruro bitewe n’ibyungo, NA, NKA, n’ikinyazinangenera gifite igicumbi -O



Kwisuzuma kw’abanyeshuri

1. Bwira abanyeshuri bisubiremo kuva ku ntangiro y’iyi mbumbe baruzaza imbonerahamwe iri mu gitabo cyabo kugira ngo bagaragaze aho bafite imbaraga n’aho bafite integer nke bakwiriye kuzamura.
2. Ganira n’abanyeshuri ku bisubizo batanze kugira ngo umenye aho benshi bafite ibibazo ubagenere igihe uzabafashiriza (urugero ushobora kubafasha mu isaha ya mbere yuko utangira isomo rishya).

UMUSARURO W'INYIGISHO 3: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AGARAGAZA UBURYO BUNYURANYE BWO GUTUNGANYA UBUTAKA , KUGARAGAZA IMIMARO Y'AMAGAMBO MU NTERURO Y'INYABUMWE, KWANDIKA YUBAHIRIZA AMATEGEKO AGENGA IMYANDIKIRE Y'AMAGAMBO AFATANA N'ADAFATANA NO KUBAHIRIZA AMATEGEKO AGENGA IMYANDIKIRE Y'IBIHEKANE BYIHARIYE.



Umusaruro w'inyigisho 3: Kwisuzuma kw'abanyeshuri

1. Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho (mu gitabo cy’umunyeshuri), baganire ku byo babonaho, ibyigwa batekereza ko iyi mbumbe yibandaho bagendeye ku ishusho. Nyuma yo kwakira ibitekerezo binyuranye, batsindagire iby’ingenzi iyi nyigisho yibandaho.
2. Saba abanyeshuri kuzuza imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abanyeshuri bafite ku mbumbe y’inyigisho igiye kwigwa ari ukubafasha kwimenyereza ibyigwa biyikubiyemo, hakabaho kumenya ibyo baziho n’ibyo batazi mbere yo kuyitangira. Ku musozo wayo bazakora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n’ahakeneye kongerwamo imbaraga.



Ubushobozi fatizo

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
1. Gusobanura imikoreshereze myiza y’ubutaka	1. Kugaragaza ingero zifatika zo gutunganya ubutaka	1. Kwirinda no kurwanya ingaruka zo gufata nabi ubutaka.
2. Gusobanura neza inshoza ya buri mu maro w’amagambo	2. Kugutandukanya imimaro y’amagambo mu nteruro	2. Guhimba interuro yujuje ubutumwa kandi ikubiyemo imimaro y’amagambo iboneye
3. Kugaragaza ahantu hose hakoreshwa inyuguti nto n’ahakoreshwa inyuguti nkuru	3. Kwandika inyandiko iyo ari yo yose wubahiriza imikoreshereze y’inyuguti nkuru cyangwa inyuguti nto	3. Kugenzura inyandiko yubahirije cyangwa itubahirije imyandikire y’inyuguti nkuru n’inyuguti nto
4. Kugaragaza bimwe mu bihekane bitera urujijo mu myandikirwe yabyo bikurikiranye n’inyajwi	4. Kugaragaza inyajwi kuri ibyo bihekane zitera urujijo mu myandikire	4. Kunoza imyandikire y’ibihekane bitera urujijo mu nyandiko itanga amakuru



Umwitozo wa 21:

- ▶ Baza abanyeshuri ibibazo bikurikira babisubize hifashishijwe uburyo bw'ibiganiro.
- ▶ Buri uko abanyeshuri bagiye batanga ibitekerezo bayobore mu buryo bubaganisha ku bisubizo by'ukuri.

Ibibazo:

1. Ubundi ubutaka ni iki kuri wowe? Kandi utekereza ko bufite akahe kamaro ku buzima bwa muntu?

- **Ni urwego rwo hejuru rw'ubutaka bw'isi bugizwe n'ubwoko butandukanye bw'amabuye, ibumba, umusenyi, ibimera bihinzeho, ndetse n'ibinyabuzima bito biba mu butaka.**

✓ Ubutaka bufite imimaro ikurikira:

- ✚ Ni ishingiro ry'ubuhinzi kuko ariho abantu bahinga ibihingwa bibafasha kubona ibiribwa, ibikomoka ku buhinzi
- ✚ Butanga ahantu abantu bubaka inganda, amazu yo guturamo, ibikorwaremezo (nk'imihanda n'ibibuga by'indege), ndetse n'amashyamba yo gutunganya ibidukikije.
- ✚ Bufite agaciro mu bukungu kuko butanga amabuye y'agaciro, peteroli, gaze, ndetse n'ibindi bikorwa by'ubucuruzi bifasha mu iterambere ry'ibihugu.

2. Ese hari aho wigeze ubona ubutaka bwarangiritse cyangwa bwaratakaye? Ni iki cyabiteye?

- **Yego**

✓ Byaterwaga:

- ✚ Imikoreshereze idahwitse y'imiti n'ifumbire
- ✚ Guhinga ubutaka ukoresha uburyo budahinduranya ibihingwa cyangwa ubukoresha birenze urugero bituma ubutaka butakaza intungamubiri.
- ✚ Imvura nyinshi cyangwa umuyaga bikurura ubutaka bworoshye bukagenda(isuri)
- ✚ Kwangiza ubutaka hakoreshwa imyanda (nk'iy'amasukari cyangwa ibikoreshe byangiza ibidukikije)

3. Ubutaka bw'iwanyu cyangwa aho mutuye bukoreshwa gute? Hari ibyo ubona bitagenda neza?

- **Aha abanbyeshuri barisubiriza byinshi bitandukanye babonye, ubafashe guhuza ibyo bisubizo n'ukuri**

4. Ni ibihe bikorwa bigaragaza gufata nabi ubutaka uzi cyangwa wumvise?

- Gutema ibiti n'amashyamba nta gusimbuza
- Guhinga mu buryo budahwitse
- Kubaka mu kajagari
- Guta imyanda mu butaka
- Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butita ku bidukikije
- Kuyobora nabi amazi y'imvura
- Gukoresha ifumbire n'imiti mu buhinzi mu buryo bukabije

5. Utekereza ko gufata nabi ubutaka bigira izihe ngaruka ku buzima bw'abantu cyangwa ku bidukikije?

- Guhinga hakurikijwe gahunda
- Kutubaka mu kajagari
- Kurwanya isuri no gukomeza ubutaka
- Kubungabunga ibimera n'ibinyabuzima by'ingenzi mu butaka

6. Ni ayahe masomo ubona yakwigishwa kugira ngo abantu bafate neza ubutaka?

- Kongera ubushobozi bw'ubutaka
- Gukoresha neza imyanda
- Ubukangurambaga n'ubushake bwo kubungabunga ubutaka
- Kurwanya isuri

7. Urumva tugiye kwiga irihe somo?

- Kubungabunga ubutaka

► **Emeza umutwe w'isomo maze uwandike ku kibaho**

Isomo 3.1. Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko yo gufata neza ubutaka

	Intego: Nyuma y’iri somo uwiga araba ashobora: - Gusobanura byimbitse inshoza y’ubutaka nka kimwe mu gice cy’ingenzi mu bigize isi. - Kugaragaza byisumbuyeho akamaro k’ubutaka mu mibereho myiza y’ibinyabuzima muri rusange. - Kugaragaza ibintu bitandukanye byakwangiza ubutaka bikabushira mu kaga. - Gutanga inama ku ngingo z’ingenzi zashingirwaho mu kubungabunga ubutaka
	Igihe giteganyijwe: Amasaha 2
	Uburyo bw’imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n’ibindi, gusura imbuga nkoranyambaga....
	Ibikoresho bikenewe: Ibitabo by’ubuvanganzo gakondo, ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by’ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo
	Imyiteguro: ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo. ☐ Kureba niba aho bigira nta bibaranga bihari. ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye, ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n’ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe. ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye. ☐ Kugenzura niba anta banyeshuri bakenera ubufasha bwihariye
	Ingingo nsanganyamasomo: ✓ Umuco w’amahoro

- ✓ Uburinganire n’ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w’ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw’imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenocide n’ingengabitekerezo yayo

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:



- Imwe mu mimaro y’ubutaka ku binyabuzima
- Zimwe mu ngaruka ibinyabuzima bihura nazo igihe ubutaka bwangiritse



Igikorwa cyo 1: Gushaka ibisubizo by’ibibazo



Umwitoto wa 22:

1. Saba abanyeshuri kubumbura ibitabo byabo basome bucece umwandiko **“Gufata neza ubutaka”**
2. Mu gihe basoma bucece, saba abanyeshuri kwirinda guhwihwisa ngo batarogoya bagenzi babo bakababuzira kumva ibyo basoma, cyangwa ishuri rigahinduka urusaku n’akajagari. Babuze kandi gushyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kunamiriza mu byo basoma kuko bibangiza amaso kandi bikabananiza ku buryo badakurikira neza igice k’isomo gisigaye.
3. Bamaze kuwisomesha saba umunyeshuri umwe umwe bakuranwe kuwusoma baranguruye, abanda bakurikirire mu bitabo byabo, bagende bashakamo amagambo atumvikana bayandike mu ikayi y’imyitoto.
4. Saba abanyeshuri buri wese abaze amagambo atumvishe uyobore bagenzi be bamufashe kumuha ibisobanuro nawe ubiyobore ubaganisha ku bisubizo by’ukuri.
5. Bwira abanyeshuri babumbe ibitabo byabo, hanyuma ubabaze ibibazo byo gusuzuma niba basomye umwandiko bakawumva koko.

A. SUBIZA BINO BIBAZO HAKURIKIJE UBURYO WUMVISHEMO UMWANDIKO

1. Ni ibihe bikorwa bibi bivugwa mu mwandiko bishobora kwangiza ubutaka?

- Ni isuri, gutwika amashyamba, gushyira imyanda mu butaka idakurikije amabwiriza, no ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukozwe nabi.

2. Isuri yangiza ubutaka ite kandi ni iki gishobora gufasha kuyikumira?

- Guca amaterasi, guteraho ibiti bifata ubutaka, no gukoresha amazi mu buryo buboneye.

3. Ni gute gutwika amashyamba bigira ingaruka mbi ku butaka n'ibidukikije muri rusange?

- Byongera ibyuka bihumanya ikirere, bikurura imihindagurikire y'ibihe, bigatuma ubutaka bwangirika burundu no kubura ubushobozi bwo gufata amazi.

4. Imyanda yo mu nganda ifite izihe ngaruka ku butaka, kandi ni iki gikorwa ngo iyi myanda icungwe neza?

- Ishobora gutakaza umwimerere w'ubutaka, ikabuzaho ubushobozi bwo kongera gukoreshwa mu buhinzi. Kugira ngo iyicungwe neza, hakenewe gukurikiza amategako akomeye yo gucunga imyanda.

5. Sobanura izindi ngaruka eshatu zifatika zo gufata nabi ubutaka zagarutseho mu mwandiko.

- Gutakaza uburumbuke bw'ubutaka, kwiyongera kw'ibyuka bihumanya ikirere, no kwangirika kw'ibiyaga n'utugezi.

6. Ni izihe ngamba zagaragajwe mu mwandiko zishobora gufasha gufata neza ubutaka mu buhinzi n'iterambere ry'imijyi?

- Gukoresha ifumbire y'imborera, gushyira imbere gukoresha amazi mu buryo burambye, kubungabunga ibinyabuzima mu butaka, no gukurikiza uburyo bwiza mu kubaka no guteza imbere imibereho myiza.

B. UZURISHA MURI ZINO NTERURO AMAGAMBO AKURIKIRA DUSANGA MU MWANDIKO

Iterambere, Ubucukuza Isuri, Uburumbuke, Amashyamba, Imyanda, Ikirere, Ibiza

1. Iyo imvura iguye ku butaka butarimo ibimera cyangwa butarimo amaterasi, **isuri** yangiza ubutaka ituma umusaruro ugabanuka.

2. Gutwika **amashyamba** bigira ingaruka mbi ku bidukikije no ku butaka kuko bishobora gutuma butakaza ubushobozi bwo gufata amazi.

3. Iyo **imyanda** yo mu nganda ishyizwe mu butaka idakurikije amabwiriza, irwangiza ikarutera kubura ubushobozi bwo kwifashishwa.
4. Gufata nabi ubutaka bigabanya **uburumbuke** bwabwo, bigatuma budashobora kongera gutanga umusaruro mu buhinzi.
5. Imihindagurikire y’**ikirere** ikunze guterwa n’ibikorwa nk’ibyo byo kwangiza ubutaka.
6. **Ibiza** nk’imyuzure cyangwa inkangu ikunze kwibasira ahantu ubutaka bwangijwe.
7. Gufata neza ubutaka mu buhinzi no mu **iterambere** ry’imijyi bituma habaho iterambere rirambye.
8. **Ubucukuzi** bw’amabuye y’agaciro bukozwe nabi burangiza ubutaka kandi bugateza ibibazo byinshi mu bidukikije.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 23:

Saba abanyeshuri bakore amatsinda mato, basubiremo uwo mwandiko uri ku mbumbe y’ino nyigisho bawusomere hamwe nibarangiza basubize bino bibazo:

1. Sobanura amagambo akurikira:
 - a. **Umusagwe:** Umusagwe ni igice cy’ubutaka gitwarwa n’amazi y’imvura igihe isuri itangiye, kigatuma ubutaka bugabanya uburumbuke bwabwo. Akenshi, umusagwe usigara hejuru y’ubutaka bworoshye buhonyora cyangwa budafite ibimera bihamye
 - b. **Inkangu:** Inkangu ni icyuho cyangwa uruhurirane rw’imirongo y’imvura iteranyirizwa ku butaka bukomeye, itwara ubutaka bworoshye bwi Yongera ku byo amazi atwaye. Inkangu ishobora gutera igihombo kinini mu buhinzi no gutuma ubutaka butakaza uburumbuke
 - c. **Isuri:** Ni ibikorwa by’ubutaka bitwarwa n’amazi cyangwa umuyaga, ikaba itera ubukana mu kugabanya umusaruro w’ubuhinzi. Iyo imvura iguye ku butaka butarimo ibimera, igice cy’ubutaka kiva mu butaka kikajya mu yindi hantu (umusagwe), bigatuma ubutaka bugabanya uburumbuke bwabwo.
 - d. **Amashyamba:** Amashyamba ni ahantu hataramo ibiti byinshi, akenshi hagira akamaro mu gufata amazi, kurinda ubutaka, no guhumuriza ikirere. Amashyamba afasha kugabanya ingaruka z’imihindagurikire y’ibihe, ndetse bigatanga ibinyabuzima byinshi bikenerwa mu buzima.

- e. **Imyanda:** Ni ibikoresho cyangwa ibindi bintu bitagikoreshwa bisigara nyuma y'imirimo runaka, bikaba bishobora kuba ibyo mu nganda, mu buhinzi, cyangwa mu buzima bwa buri muni. Iyo imyanda idacunguwe neza, ishobora kwangiza ubutaka, amazi, ndetse n'ibidukikije muri rusange.
- f. **Amaterasi y'indinganire:** Ni imirongo yo ku butaka igizwe n'urukuta rw'amabuye cyangwa ibindi bikoresho bigamije gukumira isuri no gufata amazi. Amaterasi y'indinganire afasha kugabanya igabanuka ry'uburumbuke bw'ubutaka no kugabanya ibiza by'imvura.

Ikitonderwa: Niba iki gice cy'isomo kidahise gikurikirana n'ibice byabanje, rikaba rigiye kwigishwa mu isaha yaryo cg undi muni, banza ubaze abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku mwandiko kugirango abanyeshuri biyibutse ibikubiye mu mwandiko, hanyuma ubabwire ko isomo ku mwandiko rigikomeza, noneho ubashyire mu matsinda mato basomere hamwe umwandiko babone gukora umwitozo ukurikira.



Igikorwa cya 3: Umukorongo



Umwitozo wa 24:

- Koresha abanyeshuri amatsinda mato mato ubabwire basome agakino kari ku mwitozo wa 24 nibarangiza basubize ibibazo bibajijweho

Muri kano gakino, dufite abahinzi babiri baturanye, Jean na Simon. Bombi bafite imirima yabo ariko bagiye guhangana n'ibibazo bitandukanye bijyanye no gukoresha ubutaka.

1. Dore uko Jean yakoresheje uburyo bwo gufata neza ubutaka:

- Yatangiye gutera ibiti mu nkengero z'ubutaka.
- Yakoresheje ifumbire zisanze mu rwego rwo gukomeza uburumbuke.
- Yubahiriza kubaka amaterasi mu misozi no gukurura amazi ku buryo butunganijwe.

2. Simon, ku rundi ruhande, yakoresheje ubutaka bwe muri buno buryo:

- Simon yakoresheje uburyo bwo gutwika amashyamba kugira ngo abone amakara.
- Ntiyitaho gukoresha ifumbire zisanze.
- Ntabwo yubahiriza amaterasi cyangwa uburyo bwo gukumira isuri.

Subiza bino bibazo

1. Ni izihe ngaruka ubona Simon yagize kubera uburyo bwo gukoresha nabi ubutaka?

Ingaruka Simon yagize kubera uburyo bwo gukoresha nabi ubutaka:

- Isuriyibasiye ubutaka bwa Simon
- Kugabanuka k'uburumbuke bw'ubutaka
- Ibidukikije byaturukaga mu butaka bwe byarangiritse
- Simon yabuze umusaruro uhagije
- Kuzamuka kw'imyuzure

2. Kuri Jean, ni izihe intambwe za gahunda zafatwa mu buryo bwo gufata neza ubutaka?

- **Gukomeza gutera ibiti:** Gushishikarira kongera gutera ibiti ku nkengero z'ubutaka no mu mirima, hagamijwe kugabanya isuri no kongera uburumbuke.
- **Kongera gukoresha ifumbire isanzwe:** Gukomeza kwifashisha ifumbire karemano kugira ngo ubutaka bukomeze gutanga umusaruro mwiza.
- **Kubaka no gusana amaterasi:** Gusuzuma kenshi niba amaterasi arimo gukora neza, ndetse akayongera aho bikenewe.
- **Kugenzura uburyo amazi akoreshwa:** Gukoresha uburyo bwo gufata amazi y'imvura no kuyayobora neza mu mirima.
- **Kwishyira hamwe n'abandi bahinzi:** Gukorana n'abandi bahinzi mu gukomeza kubungabunga ubutaka no kwigiranaho.

3. Ni izihe ngorane watekereza ko abantu benshi bashobora guhura nazo kubera gukoresha ubutaka nabi mu gihugu cyawe?

- **Guhura n'inzara:** Ubutaka bwangiritse butanga umusaruro muke, bigatera inzara mu miryango.
- **Imihindagurikire y'ikirere:** Gutema amashyamba no gukoresha nabi ubutaka bigira uruhare mu kuzamura ubushyuhe bw'isi no kugabanya imvura.
- **Kugabanuka kw'ubutaka bwera:** Isuri n'imyuzure bituma ubutaka bwera bugenda bwangirika, bikagabanya aho abantu bashobora guhinga.
- **Ibura ry'amazi:** Gutakaza amashyamba n'ubutaka bwera bishobora kugabanya uburyo amazi aboneka mu bice bitandukanye.
- **Ihungabana ry'ubukungu:** Abahinzi batakaza ubushobozi bwo gutunganya umusaruro, bikagira ingaruka ku bukungu bwabo n'igihugu.

4. Ni iyihe myitwarire wagira ku butaka mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije no gukumira isuri?

- Gutera ibiti ku nkengero z’ubutaka no mu bice by’imisozi.
- Kubaka amaterasi mu misozi hagamijwe gukumira isuri no gukoresha ubutaka neza.
- Gukoresha ifumbire zisanze cyangwa izikoreshwa neza kugira ngo ubutaka bukomeze gutanga umusaruro.
- Gufata amazi y’imvura hakoreshejwe ibidendezi n’ubundi buryo bwo kuyayobora mu mirima.
- Kwitabira gahunda zo gukorera hamwe mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije.

5. Ubona ko hakenewe ibikorwa byashyirwaho na leta cyangwa umuryango kugira ngo abantu bose babashe gukoresha ubutaka mu buryo bufitiye igihugu akamaro? Ibyo bikorwa ni ibi? Vuga bitanu by’ingenzi.

- **Gushyiraho amahugurwa y’abahinzi:** Kwigisha abaturage uburyo bwo kubungabunga ubutaka, nko gukoresha amaterasi, ifumbire, n’ibiti bifasha gukumira isuri.
- **Gutanga ibikoresho by’ibanze:** Leta cyangwa imiryango itanga ibikoresho n’amafaranga yo gushyira mu bikorwa uburyo bwo gutunganya ubutaka (nko kubaka amaterasi cyangwa gutera ibiti).
- **Kugenzura ikoresha ry’ubutaka:** Gushyiraho amategeko n’ubugenzuzi buhamye ku ikoresha ry’ubutaka, harimo gukumira ibikorwa bibi nk’imirimo yangiza ibidukikije.
- **Gukora ubushakashatsi ku butaka:** Guteza imbere uburyo bw’ikoranabuhanga rifasha gukoresha ubutaka neza no kwirinda isuri.
- **Gushyigikira gahunda z’ibidukikije:** Guteza imbere gahunda zo gutera ibiti, gufata amazi y’imvura, no guhashya ibikorwa byangiza ibidukikije, harimo no kwirinda gutema amashyamba.

Isomo 3.2: Imimaro y’amagambo

Intego: Nyuma y’iri somo uwiga araba ashobora:



- a. Gusobanura neza inshoza ya buri mu maro w’ijambo. Ni ukuvuga
- b. (Ruhamwa, inshinga, icyuzuzo, imfutuzi n’impuzi) mu bice bigize interuro.
- c. Gutandukanya nkuko bikwiye (Ruhamwa, inshinga, icyuzuzo, imfutuzi n’impuzi) mu nteruro.

	d. Guhimba interuro zikubiyemo imimaro y'amagambo kandi yakoreshejwe neza.
	Igihe giteganyijwe: Amasaha 4
	Uburyo bw'imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n'ibindi
	Ibikoresho bikenewe: Ibitabo by'ikibonezamvugo, Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by'ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo
	Imyiteguro: ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo. ☐ Kureba niba aho bigira nta bibarangaza bihari. ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye, ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe. ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye. Kureba niba ikibaho gihanaguye. ☐ Kugenzura niba hari abanyeshuri bakenera ubufasha bwihariye
	Ingingo nsanganyamasomo: ✓ Umuco w'amahoro ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye ✓ Umuco w'ubuziranenge ✓ Ubuzima bw'imyororokere ✓ Kwita ku bidukikije ✓ Umuco wo kuzigama ✓ Uburezi budaheza ✓ Kurwanya Jenocide n'ingengabitekerezo yayo
	Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi

- Guhimba interuro mbonezamvugo
- Gutandukanya inshinga n’ubundi bwoko bw’amagambo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by’ibibazo



Umwitozo wa 25:

Andika zino nteruro ku kibaho usabe abanyeshuri kuzisoma no kuzitegereza ndetse banazitekerezeho mu buryo zaba zivugitse.

- Umutwe umwe ntiwigira inama.
➔ **Iyi nteruro ivugitse neza**
- Imbeba irya yototera umuhini isuka.
➔ **Ivugitse nabi**
- Amazi meza nta bara agira.
➔ **ivugitse neza**
- Imana y’abatindi ibogosha ni yo.
➔ **Ivugitse nabi**
- Umwana utaganiye na se ntamenya ibyo sekururu yasize avuze.
➔ **ivugitse neza**
- Saba abanyeshuri kukweka interuro zivugitse nabi.
- Baza abanyeshuri isomo rigiye kwigwa, ubayobore kugeza barivumbuye
- Andika ku kibaho umutwe w’isomo rigiye kwigwa



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 26:

1. Saba abanyeshuri gusoma no gukora imyitozo ikurikira

- a. **Inshinga:** Inshinga ni ijambo cyangwa amagambo yerekana igikorwa, ibihe, cyangwa uko ibintu bimeze. Ni gice cy'interuro cy'ingenzi, kuko nta cyo wakora cyangwa wavuga kitariho inshinga.
- b. **Icyuzuzo:** Icyuzuzo ni igice cy'interuro gifasha kunganira, gusobanura cyangwa gusobanura igikorwa cyavuzwe n'inshinga. Kivuga ukuntu, igihe, ahantu, cyangwa impamvu igikorwa cyakozwe.
- c. **Icuzuzo ntega:** Icuzuzo ntega ni icyuzuzo cyerekana icyo igikorwa kireba, kikaba gikunze kuboneka mu magambo asubiza ibibazo "iki?", "ibi?", cyangwa "nde?".
- d. **Ruhamwa mburabuzi:** Ruhamwa mburabuzi ni ijambo cyangwa amagambo akoreshwa mu buryo bwo guhuza igice kimwe cy'interuro n'ikindi, aho atanga ibisobanuro, ariko rimwe na rimwe akagaragara nk'aho nta shingiro rikomeye afite mu nteruro.

2) Saba abanyeshuri gusoma kino gika basubize ibibazo byabajijweho.

Gutwika amashyamba ni indi ngaruka ikomeye yerekana gufata nabi ubutaka. Ibi bikorwa bisiga ubutaka butagira ubushobozi bwo gufata amazi no kongera gutanga umusaruro.

Gutwika amashyamba byongerera ibyuka bihumanya ikirere, bikurura imihindagurikire y'ibihwe, ndetse bigatuma ubutaka bwangirika burundu. Gufata neza amashyamba bisaba kubungabunga asigaye, gutera ibiti bishya, no gukumira ibikorwa bibi by'ubucukuzi no gutema ibiti nta gahunda.

IBIBAZO

1. Katamo kabiri izo nteruro zitsindagiye, ibice ubonye bibiri byitirire imimaro yabyo bifite mu nteruro.

(Interuro 1): Gutwika amashyamba ni indi ngaruka ikomeye yerekana gufata nabi ubutaka.

- **Gutwika amashyamba:** *Ruhamwa (Itsinda rya ruhamwa)*
- **Ni indi ngaruka ikomeye yerekana gufata nabi ubutaka:** *Ruhamya*

(Interuro 2): Gutwika amashyamba byongera ibyuka bihumanya ikirere

- **Gutwika amashyamba:** *Ruhamwa (itsinda rya ruhamwa)*
- **Byongera ibyuka bihumanya ikirere:** *Ruhamya*

2. Ku nteruro ya mbere vuga umumaro wa buri jambo mu magambo ayubatse

- **Gutwika amashyamba,** ni indi ngaruka ikomeye yerekana gufata nabi ubutaka.
 - ✓ **Gutwika:** *Ruhamwa*
 - ✓ **Amashyamba:** *Icyuzuzo ntega*
 - ✓ **Ni:** *Inshinga*
 - ✓ **Indi:** *Impuza*
 - ✓ **Ingaruka:** *Icyuzuzo nziguro*
 - ✓ **Yerekana:** *Inshinga*
 - ✓ **Gufata:** *Inshinga*
 - ✓ **Nabi:** *Imfutuzi*
 - ✓ **Ubutaka:** *Icyuzuzo ntega*



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 27:

1. Tahura ibyuzuzo biri mu nteruro zikurikira hanyuma uvuge n’ubwoko bwabyo.

a. Imyanya y’icyubahiro yicayemo abayobozi.

- ✓ **Abayobozi:** *Icyuzuzo ntega*

b. Abashyitsi bariye kabiri.

- ✓ **Kabiri:** *icyuzuzo nziguro*

c. Abanyeshuri bacu babonye amanota meza mu bizamini bya Leta.

- ✓ **Amanita:** *icyuzuzo ntega*
- ✓ **Bizamini:** *icyuzuzo nziguro*
- ✓ **Leta:** *icyuzuzo nziguro*

d. Muhe mutetsi uwo muceri n'amavuta.

- ✓ **Mutetsi:** icyuzuzo ntega
- ✓ **Umuceri:** icyuzuzo nziguro
- ✓ **Amavuta:** icyuzuzo nziguro

2. Himba interuro zawe bwite enye zikoreshejemo ibyuzuzo mbonera n'anye zikoreshejemo ibyuzuzo nziguro unabigaragaze.

Ntibyoroshye ko izatangwa hano zahura n'izo abanyeshuri bari butange gusa wowe mwarimu, uritegereza niba amabwiriza y'imikoresherezwe y'ibyuzuzo nziguro yubahirijwe. Mbese niba ari byo koko

3. Sesengura interuro zikurikira ugaragaza ruhamwa na ruhamya:

- Inzira ntibwira umugenzi.
 - ✓ **Inzira:** Ruhamwa
 - ✓ **Ntibwira umugenzi:** Ruhamya
- Imana iruta imanzi.
 - ✓ **Imana:** Ruhamwa
 - ✓ **Iruta imanzi:** Ruhamya
- Impamba y'umwana ihembura nyina.
 - ✓ **Impamba y'umwana:** Ruhamwa/Itsinda rya ruhamwa
 - ✓ **Ihembura nyina:** Ruhamya
- Twe tuyayoy rimwe mu cyumweru na buri gihe mu biruhuko.
 - ✓ **Twe:** Ruhamwa
 - ✓ **Tuyayoy rimwe mu cyumweru na buri gihe mu biruhuko:** Ruhamya
- We yiga nk'amasomo abiri buri muni.
 - ✓ **We:** Ruhamwa
 - ✓ **Yiga nk'amasomo abiri buri muni:** Ruhamya
- Uyu mwana ni inkubaganyi pe!
 - ✓ **Uyu mwana:** Ruhamwa/itsinda rya ruhamwa
 - ✓ **Ni inkubaganyi pe:** Ruhamya

Isomo 3.3: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru mu nteruro

	Intego: Nyuma y'iri somo uwiga araba ashobora: a. Kwandika neza amazina bwite yose kandi mu buryo bwose nk'uko amategeko y'imyandikire mu Kinyarwanda abiteganya. b. Gukoresha neza inyuguti nkuru mu myandikire y'ururimi rw'ikinyarwanda hubahirizwa amategeko yose agenga inyuguti nkuru. c. Kubahiriza imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana mu kinyarwanda
	Igihe giteganyijwe: Amasaha 2
	Uburyo bw'imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n'ibindi
	Ibikoresho bikenewe: Ibitabo by'uikibonezamvugo, Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, , Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo
	Imyiteguro: ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo. ☐ Kureba niba aho bigira nta bibaranga bihari. ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye, ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe. ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye. ☐ kugenzura neza niba hari abanyeshuri bakenera ubufasha bwihariye.
	Ingingo nsanganyamasomo: ✓ Umuco w'amahoro ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye ✓ Umuco w'ubuziranenge ✓ Ubuzima bw'imyororokere

- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:



- ✓ Kwandika bisanzwe amagambo yose aba mu rurimi rw'ikinyarwanda
- ✓ Guhimba interuro yuzuye mu rurimi rw'ikinyarwanda.
- ✓ Itandukaniro ry'inyuguti nkuru n'inyuguti nto



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 28:

Saba abanyeshuri gusoma igika cy'umwandiko kiri ku mwitozo wa 28 mu gitabo cyabo bitegereza uko amazina bwite awugaragaramo yanditse.

Umunsi umwe navuye mu ntara y'amagepfo njya igisaka gusura masenjye. Umugabo w'iwe yitwa Habamenshi sindayigaya Samuel. Nkigera ahongaho mu Gisaka, nanyuze k'umubyeyi wahaga impanuro abana be. yarababwiraga ati umwana warezwe neza yumvira ababyeyi be n'ibindi ntasubiyemo kandi akubaha abamuruta bose ni na ko byahoze kuva na kera mu muco nyarwanda mbese na we aho waba ari ko wari ubizi burya kugendera ku ndangagaciro na kirazira kwihesha agaciro kubaha ururimi rwawe kavukire no kubahiriza umuco wigihugu cyawe ni ko kujijuka nta ubumenyi budashingiye ku kwihesha ishema no kurihesha igihugu cyakubuye mu ruhando rwamahanga.

- **Bakore ubushakashatsi batahure imyandikire y'amazina bwite uko agomba kuba yanditse**

- ✓ Amazina bwite y'ikinyarwanda yandikwa mu nyuguti nkuru ariko muri kino gika ntabwo ari ko bimeze

✓ Amazina bwite y'idini atangirwa n'inyuguti nkuru izindi nyuguti zikandikwa mu nyuguti nto.

• Imikoreshereze y'utwatozo n'inyuguti nkuru murabona yakoreshejwe ite?

✓ Utwatozo twakoreshejwemo ni tubiri.

🇨🇩 Akabago: ubusanzwe ijambo rikurikiwe n'akabago aritangizwa inyuguti nkuru ariko muri kino gika si ko aho akabago kari hose inyuguti nkuru yagaherekeje.

🇨🇩 Akitso: akitso gakurikirwa n'inyuguti ntu kandi aho kakoreshejwe muri kino gika ani ko bimeze.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 29:

A. SABA ABANYESHURI GUSUBIZA IBIBAZO BIKURIKIRA

1. amazina bwite ni iki, kandi ni gute yandikwa mu Kinyarwanda?

- *Ni Izina rihabwa umuntu, ahantu, inyamaswa, igihugu, umujyi, cyangwa ikindi kintu ku buryo cyihariye, kigatuma gitandukanywa n'ibindi bifite amazina rusange.*
- *rihora ryandikwa ritangijwe inyuguti nkuru, yaba riri mu ntangiriro cyangwa hagati mu nteruro. Iri tegeko ni ihame mu nyandiko zose*

2. Tanga urugero rw'amazina bwite y'ahantu afite indomo, ndetse usobanure uburyo yandikwa wifashishije urugero

- *U Burundi, u Bunyabungo, u Bufumbira.*

3. Ni gute amazina bwite y'abantu cyangwa ahantu biva mu mahanga yandikwa mu Kinyarwanda? Tanga ingero enye:

- *Yandikwa nk'ay'ikinyarwanda agashyirwa mu dukubo yanditswe mu rurimi rw'iwayo*
- *Ingero:*

🇨🇩 Nili (Nil)

🇨🇩 Cadi (Tchad)

🇨🇩 Libiya (Libye)

🇨🇩 U Burusiya (Russie)

4. sobanura amazina bwite y'idini uko yandikwa utange ingero eshatu.

- Amazina y'idini yandikwa nk'uko yanditswe mu gitabo k'irangamimerere akaza akurikira izina umuntu yahawe akivuka cyangwa izina rindi rifatwa nka ryo. Izina rya mbere ryandikwa mu nyuguti nkuru na ho izina ry'idini rikandikwa mu nyuguti ntoya, ritangijwe inyuguti nkuru.

Ingero:

 NIZEYE Stiven, CYUSA Cedric, NSABIMANA Dody Chris, SIMPUNGA Anastase

B. KOSORA INTERURO ZIKURIKIRA UKURIKIZA AMABWIRIZA AGENGA IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA

1. Najyiye mu muji wa Gisenyi mpura n'incuti yanjye maze ndanezerwa cyane kuko tutaherukanaga.

- *Nagiye mu mugwi wa Gisenyi mpura n'insuti yange maze ndanezerwa cyane kuko tutaherukanaga.*

2. Utwo tunyoni twagiye tuza kamwe kamwe tugezaho tuba uruhuri.

- *Utwo tunyoni twagiye tuza **kamwekamwe** tugeze aho tuba uruhuri*

3. Ese mu Mugi wa Kigali habamo Umurenge witwa Kakiru? Yego. Uwo murenge uhana imbibi n'Umurenge wa Cyimihurura.

- *Ese mu Mugi wa Kigali habamo Umurenge witwa **Kacyiru**? Yego. Uwo **Murenge** uhana imbibe n'Umurenge wa **Kimihurura***

4. Amazi mu kibindi ngo dumburi dumburi!

- *Amazi mu kibindi ngo: "**dumburi dumubi!**"*

5. Kamugisha ni umuvandimwe wa Kamari.

- ***KAMUGISHA** ni umuvandimwe wa **KAMALI***

6. Nasuye masenjye utuye i Kabwayi ampa icyibo cy'ibiro icumi by'ubunyobwa.

- *Nasuye masenge utuye i **Kabgayi** ampa **ikibo k'ibiro** icumi by'ubunyobwa.*

7. Umuco w'amahoro niwo uranga abiwacu.

- *Umuco w'amahoro **ni wo** uranga **ab'iwacu***

8. Kugira umujinya wumurandura nzuzi n'ibibi.

- *Kugira umujinya **w'umuranduranzuzi ni bibi***

9. Se kuru yavutse mu mwaka w’1960.

- **Sekuru** yavutse mu mwaka **wa 1960**

10. Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga impfubyi.

- **Mu Karere ka Kamonyi** bateye inkunga **impfubyi**



Igikorwa cya 3: Umukoro ngiro



Umwitozo wa 30

1. Ku mwitozo wa 30, saba abanyeshuri gukosora amakosa y’imyandikire babona mu nteruro zikurikira.

- Igihugu cy’Urwanda n’icy’Ubwongereza bibanye neza.
 - Igihugu **cy’u Rwanda n’icy’u Bwongereza** bibanye neza
- Igisaka n’Amarangara ni uturere dutuwe cyane.
 - **I Gisaka** n’Amarangara ni uturere duturanye
- Socrate (Sokarate) ni umwe mu bahanga ba kera isi yagize.
 - **Socrate** ni umwe mu bahanga ba kera isi yagize
- Mu mugi wa Nairobi (Nayirobi) haba ubushyuhe bukabije.
 - Mu **Mugi wa Nayirobi (Nairobi)** haba ubushyuhe bukabije

2. Agakino

Fasha kwandikira SIMPUNGA Dody Chris igihimba cy’ibaruwa kigizwe n’igika kimwe gisaba akazi. Yandikire Umuyobozi w’Akarere wihimbiye ugaragazemo impamyabumenyi Chris afite, izina /urwego rw’umwanya ashaka gukoraho, izina ry’ikigo yakoreraga n’igihe yari amaze agikorera. Bivuze ko utita ku mbata yose y’ibaruwa (ntiwita ku myirondoro iba iri ku ibaruwa urakora igika gusa cyagaragara mu gihimba k’iyo baruwa)

Imbonera:

- **Umuyobozi w’Akarere:** Aratanzizwa inyuguti nkuru
- **Impamyabumenyi:** Iratangizwainyuguti nkuru

- **Izina /Urwego rw’umwanya ashaka gukoraho:** Ruratangizwa inyuguti nkuru
- **Izina ry’ikigo yakoreraga:** Riratangizwa inyuguti nkuru

Urugero:

Mu by’ukuri **Muyobozi mfite Impamyabumenyi y’ Ikiciro cya Kabiri cya Kaminuza mu bijyanye n’ Ubwubatsi (Civil Engeneering)** nifuza gukora mu Ishami rishinzwe **Kurengera Ibidukikije mu Karere kanyu ka Kiyovu, nkaba mfite uburambe bw’imyaka itatu nakoraga nk’ Umuyobozi Ushinzwe Imitungo y’amazu n’ubutaka (Estate Manager)** muri **Kaminuza yigenga ya Rubirizi**

Isomo 3.4.: Amategako agenga imyandikire y’ibihokane byihariye

	Intego: Nyuma y’iri somo uwiga araba ashobora: - Kwandika neza amagambo yose arimo ibihokane “Bw-bg” mu buryo bwose nk’uko amategako y’imyandikire mu Kinyarwanda abiteganya. - Kwandika neza amagambo yose arimo ibihokane “Jy, Cy, njy, ncy” mu buryo bwose nk’uko amategako y’imyandikire mu Kinyarwanda abiteganya. - Kwandika neza amagambo yose arimo ibihokane “Gw, hw, kw” mu buryo bwose nk’uko amategako y’imyandikire mu Kinyarwanda abiteganya.
	Igihe giteganyijwe: Amasaha 2
	Uburyo bw’imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n’ibindi
	Ibikoresho bikenewe: Ibitabo by’ikibonezamvugo, Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, , Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo
	Imyiteguro: ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo. ☐ Kureba niba aho bigira nta bibaranga bihari. ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,

- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ kugenzura neza niba hari abanyeshuri bakenera ubufasha bwihariye.

Ingingo nsanganyamasomo:



- ✓ Umuco w'amahoro
- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenocide n'ingengabitekerezo yayo

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:



- Kwandika bisanzwe amagambo yose aba mu rurimi rw'ikinyarwanda
- Guhimba interuro yuzuye mu rurimi rw'ikinyarwanda.
- Itandukaniro ry'inyuguti nkuru n'inyuguti nto



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 31:

Andika ku kibaho umwitozo wa 31 uri mu gitabo cy'umunyeshuri usabe abanyeshuri kwitegereza izo nteruro ubabaze izirimo zanditse neza mu mategeko agenga imikoresherezwwe ya bimwe mu bihekane bizirimo.

a. Umubgire ko namutegereje nkamubura

b. Umubwire ko yambeshyeraga

c. Maze iminsi i Kabgayi

d. Ucyenyere ukwete kuko ndaje vuba aha

e. Ukimubona watecyereje iki?

f. Ukwo mbyumva ni uko utagombaga gwutsinda

- Uko bagenda bamanika urutiki banasubiza, bafashe kugera ku bisubizo biri byo.
- Nk'uko bigaragara interuro y'inyuguti: **b)** na **c)** ni zo zanditse mu buryo bukurikije amategeko y'imyandikire y'ururimi rw'ikinyarwanda
- Mukibona igisubizo kiri cyo unakibabaza isomo rigiye kwigwa bakarivumbura, andika umutwe w'isomo ku kibaho ubigishe wifashishije uburyo bunyuranye wahisemo.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 32:

Koresha abanyeshuri umwitozo wa 32 uri mu gitabo cyabo

Kosora interuro zikurikira ukurikiza amabwiriza agenga imyandikire y'ikinyarwanda

1. Ese mwamenye aho yajyanye injyemu ubwo bari bamubwiye ko umwana we ari kwa muganga?
 - Ese mwamenye aho yajyanye **ingemu** ubwo bari bamubwiye ko umwana we ari kwa muganga?
2. Ubgo twiganaga muri kaminuza, twatsindaga ibizamini byose nta nkomyi.
 - **Ubwo** twiganaga muri **Kaminuza** twatsindaga ibizamini byose nta nkomyi
3. Abana bose bashishikariye kureba ibyo umuhwungu we yari gukora
 - Abana bose bashishikariye kureba ibyo umuhungu we yari gukora
4. Iyo imbwa igwuye mu mazi, iragorwa cyane kuko iba itazi kwoga neza.
 - Iyo imbwa **iguye** mu mazi, iragorwa cyane kuko itazi **koga**
5. Amazi mu cyibindi ngo dumburi dumburi!
 - Amazi mu kibindi ngo: "dumburi dumburi!"
6. Kamugisha ni umuvandimwe wa Kamari.
 - **KAMUGISHA** ni umuvandimwe wa **KAMARI**

7. Nasuye masenjye utuye i Kabwayi ampa icyibo cy'ibiro icumi by'ubunyobga.

- Nasuye masenge uba i Kabgayi ampa ikibo k'ibiro icumi by'ubunyobwa



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 33:

Saba abanyeshuri guhina umwandiko ubimburira imbumbe ya gatatu uri mu gitabo cyabo bakurikije amabwiriza y'uyu mwitozo ari mu gitabo cyabo kuri uyu mwitozo wa 33

Hina umwandiko wabanjirije ino mbumbe ntuge munsu y'amagambo mirongo itanu kandi nturenze amagambo ijana ugaragazemo aho wubahirije imyandikire y'ibibihokane

Imbonera:

- Shingira ku mabwiriza y'uburebure bw'umwandiko ukosora abanyeshuri
- Zirikana imyandikire y'imikoresherezwe ya bino bihekane aho byagaragaye
 - ✓ Bw-bg
 - ✓ Jy, Cy, njy, ncy
 - ✓ Gw, hw, kw
- Genzura niba amategako agenga imyandikire y'ururimi mu Kinyarwanda twabonye muri iyi mbumbe niba yubahirijwe yose uko ari.



Isuzuma mbonezanyigisho ku mbumbe ya 3

Umwandiko: Kubungabunga Ubutaka n'Ingamba zo Kwirinda Ingaruka mbi

Ubutaka ni umutungo kamere w'ingenzi cyane, ukaba isoko y'ubuzima bw'ibinyabuzima byose. Ibyo turya, imyenda yacu, n'ibindi bikoresho byinshi dukenera biva ku butaka. Icyakora, kubufata nabi bishobora guteza ibibazo bikomeye bituma butakaza agaciro kandi bigira ingaruka zikomeye ku mibereho y'abatuye isi.

Kubungabunga ubutaka ni inshingano ihuriweho na buri wese. Hari ingamba nyinshi zifasha kubufata neza, zirimo gutera ibiti byo kurinda isuri, gukoresha ifumbire y'imborera aho kuyisimbuza iy'imvaruganda idakwiye, no guca imyobo ifata amazi ahururuka kugira ngo atangiza ubutaka. Iyo izo ngamba zikurikijwe, bituma ubutaka bukomeza kubaho neza, bugatanga umusaruro mwiza, kandi bigafasha kubungabunga ibidukikije muri rusange.

Nubwo kubungabunga ubutaka ari ingenzi, abantu benshi baracyakoresha uburyo bwo kubwangiza. Ibi bigaragarira mu bikorwa nk'ubucukuzi butagenzurwa, gutema ibiti mu buryo butemewe, no gukoresha ubutaka nabi mu buhinzi. Ibi byose bituma ubutaka bwuma, imirima itakaza umusaruro, n'amashyamba arushaho gukendera. Ibyo bigira ingaruka ku mibereho y'abaturage kuko bituma inzara yiyongera, ibiza nk'isuri n'ibindi bikagera ku rwego rukomeye, ndetse hakaba n'ingaruka ku musaruro w'ubukungu bw'ibihugu.

Kugira ngo turwanye izi ngaruka, ni ngombwa gushyira hamwe, tukitabira ibikorwa by'ibanze byo kubungabunga ubutaka. Twese hamwe, dukwiye kumenya ko gukorera ku butaka neza bidufitiye akamaro katagereranywa. Ubutaka ni ubuzima bwacu, kandi niba tubwitayeho none, buzabasha guha ubuzima buzukanye abatuye isi mu bihe biri imbere.

A. IBISUBIZO KU BIBAZO BYO KUMVA UMWANDIKO:

1. Ni iki umwanditsi agaragaza nk'akamaro nyamukuru k'ubutaka?

- Umwanditsi agaragaza ko ubutaka ari umutungo kamere w'ingenzi cyane, isoko y'ubuzima bw'ibinyabuzima byose, kandi bukaba itangiriro ry'ibyo turya, imyenda dukoresha, n'ibindi bikoresho byinshi.

2. Ni izihe ngamba zatanze mu mwandiko zigamije kubungabunga ubutaka?

- Gutera ibiti byo kurinda isuri.
- Gukoresha ifumbire y'imborera aho gukoresha iy'imvaruganda idakwiye.
- Guca imyobo ifata amazi ahururuka kugira ngo atangiza ubutaka.

3. Kuki umwanditsi avuga ko kubungabunga ubutaka ari inshingano ya buri wese?

- Kubera ko ubutaka ari isoko y'ubuzima bwacu bwose, kandi kwita kuri bwo bigira uruhare mu mibereho myiza y'abantu n'ibidukikije muri rusange.

4. Ni ibihe bikorwa byangiza ubutaka byagaragajwe mu mwandiko?

- Ubucukuzi butagenzurwa.

- Gutema ibiti mu buryo butemewe.
- Gukoresha ubutaka nabi mu buhinzi.

5. Ubutaka bufashwe nabi bushobora kugira izihe ngaruka ku mibereho y'abaturage?

- Imirima itakaza umusaruro.
- Ubutaka bushobora kuma.
- Amashyamba arushaho gukendera.
- Inzara yiyongera.
- Ibiza nk'isuri bigera ku rwego rukomeye.
- Kugabanuka kw'umusaruro w'ubukungu bw'ibihugu.

6. Ni uruhe ruhare rw'ubucukuzi butagenzurwa mu kwangirika kw'ubutaka?

- Ubucukuzi butagenzurwa butuma ubutaka butakaza agaciro k'uburumbuke, bukwangirika, kandi bigatera ingaruka zirimo kumunga ubutaka no gukurura ibiza nk'isuri.

B. HIMBA INTERURO YAWA IMWE KURI AYA MAGAMBO YAKORESHEJWE MU MWANDIKO.

Kubungabunga, umutungo kamere, ifumbire y'imborera, isuri, ingaruka, ibidukikije, ubucukuzi, umusaruro, inshingano

- **Kubungabunga ubutaka** ni ingenzi cyane kugira ngo butakaza ubushobozi bwo gutanga umusaruro mwiza.
- Ubutaka ni **umutungo kamere** ukwiye kubahirizwa kuko ari ishingiro ry'ubuzima bw'abantu n'ibidukikije.
- Gukoresha **ifumbire y'imborera** aho gukoresha iy'imvaruganda bidufasha kubungabunga uburumbuke bw'ubutaka.
- Gutera ibiti ku misozi ni bumwe mu buryo bufasha kurwanya **isuri** no kurinda ubutaka kwangirika.
- Kudashishoza mu ikoresheya ry'ubutaka bigira **ingaruka** zikomeye ku mibereho y'abaturage.
- Kubungabunga ubutaka bifitanye isano ikomeye no kubungabunga **ibidukikije** muri rusange.
- **Ubucukuzi** butagenzurwa bushobora gutuma ubutaka bukwangirika no gutakaza agaciro kabwo.
- Iyo ubutaka bwitaweho neza, butanga **umusaruro** mwiza kandi buhoraho.

- Kwita ku butaka ni **inshingano** ya buri wese, kuko budufitiye akamaro twese nk'abatuye isi.

C. GUSOBANURA AMAGAMBO:

1. **Ruhamwa:** Ni ijambo risobanura ijambo cyangwa igice cy'interuro rihamagarwa, rikaba ari ingenzi mu ntero y'ururimi rukoresha kugira ngo risobanure cyangwa rifate ibyiyumviro byihariye.

- **Urugero:** Ijambo "abana" muri interuro "Abana barakina" ni ruhamwa.

2. **Icyuzo:** Icyuzo ni ijambo cyangwa icyivugo gikomeza interuro cyangwa gisesengura ibyo byari bimaze kuvugwa, kigashyira ibintu mu buryo buhamye kandi busobanutse.

- b Mu nteruro "Yaguzemo igitabo gishya," ijambo "gishya" ni icyuzo.

3. **Imfutuzi:** Imfutuzi ni ijambo cyangwa igice cy'ubusobanuro gifungura cyangwa gitanga amakuru ashimangira igitekerezo kinini mu mwandiko cyangwa mu mvugo.

- **Urugero:** Mu nteruro "Yaje nyuma yo guhamagarwa inshuro eshatu," igice "nyuma yo guhamagarwa inshuro eshatu" ni imfutuzi.

4. **Ruhamwa mburabuzi:** Ruhamwa mburabuzi ni ijambo cyangwa ijwi rifatanye n'irindi, ariko rikaba nta kamaro nyakuri rifite mu gukomeza ibisobanuro by'interuro. Aka kazina kagaragaza ijambo rihari gusa ariko nta mwanya wacyo ugaragara mu busobanuro bw'interuro.

- **Urugero:** Mu mvugo "Uyu mwana asoma neza," ijambo "Uyu" rishobora kugirwa ruhamwa mburabuzi kubera kongeraho by'umurengera.

D. SESENGURA ZINO NTERURO UGARAGAZA IMIMARO AMAGAMBO ATSINDAGIYE AZUBATSE AFITE

1. **Kubungabunga** ubutaka ni inshingano ihuriweho na buri wese.

- **Kubungabunga: Ruhamwa**

2. Hari **ingamba nyinshi** zifasha kubufata neza, zirimo gutera ibiti byo kurinda isuri.

- **Ingamba: Ruhamwa**
- **Nyinshi: imfutuzi**

E. KOSORA ZINO NYANDIKO AHO UBONA BIRI NGOMBWA

1. Ntamuntu numwe ushobora kumva ububabare bwabandi badahuje ikibazo.

- **Nta muntu n’umwe ushobora kumva ububabare bw’abandi badahuje ikibazo**
2. Igihe Mariya yavugaga ati: “Bingirirwe ho”, yari yaramaze gusabwa na Yozefu
- **Igihe Mariya yavugaga ati:” Bingirirweho” yari yaramaze gusabwa na**
3. Mu Rwanda haba ibihe by’ingenzi birimo: urugaryi, itumba, iki,
- **Mu Rwanda haba ibihe by’ingenzi birimo: Urugaryi, Itumba, Iki,**
4. Umuyobozi w’akarere kacu azasura akagari ka rubirizi ku wa gatandatu.
- **Umuyobozi w’ Akarere kacu azasura Akagari ka Rubirizi ku wa Gatandatu.**
5. Dogiteri Karimanzira na ambasaderi gatama bazitabira ibirori byacu.
- **Dogiteri KARIMANZIRA n’ Ambasaderi GATAMA bazitabira ibirori byacu.**
6. Umutimamuhanano ntiwuzura ijyituza.
- **Umutima muhanano ntiwuzura igituza**
7. Nabonye na we yigana nabo.
- **Nabonye na we yigana na bo**
8. Nta we nabonye.
- **Ntawe nabonye**
9. Yometse amashusho ku rukuta afata ho
- **Yometse amafoto ku rukuta afataho**
10. Ibyo nyibyo ni byo nabonye ahongaho i Kabwayi.
- **Ibyo ngibyo ni byo nabonye aho ngaho i Kabgayi**
11. Ni mugoroba turajya gwusura inshuti mu mugi i nyarujyenjye.
- **Nimugoroba turajya gusura incuti mu Mugi i Nyarugenge**

Iby’ingenzi byo kwibuka mu mbumbe ya gatatu

- **Muri iyi mbumbe twabonyemo umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gufata neza ubutaka hirindwa ku bwonona kuko kubufata neza bituma habaho uburumbuke umusaruro wiyongera bityo igihugu kigatera imbere, mu gihe iyo bufashwe nabi bibwangiza bityo umusaruro ukabura hakabaho ubukene**
- **Twabonye kandi imyandikire y’inyuguti nkuru aho by’umwihariko ku mazina bwite iteka atangizwa nayo**

- Twabonye kandi ko hari n’ahandi inyuguti nkuru ikoreshwa cyane nko ku minsi igize icyumweru, ku mazina avuga impamyabumenyi, urwego rwa leta, ku bintu biba byarabayeho bizwi bikaba ikirangirire ku myanya y’icyubahiro
- Twabonye kandi imyandikire y’amagambo afatana n’adafatana nyuma tubona imyandikire n’amihindagurikire ya bimwe mu bihekane aho hari aho bikoreshwa ahandi bitewe n’inyajwi yabikurikiye hakandikwa ingombajwi bifitanye isano cyangwa bikandikwa ukundi ibyo bihekane ni
✓ (Bw-bg),(Jy, Cy, njy, ncy) (Gw, hw, kw)



Kwisuzuma kw’abanyeshuri

1. Bwira abanyeshuri bisubiremo kuva ku ntangiro y’iyi mbumbe baruzuzwa imbonerahamwe iri mu gitabo cyabo kugira ngo bagaragaze aho bafite imbaraga n’aho bafite integer nke bakwiriye kuzamura.
2. Ganira n’abanyeshuri ku bisubizo batanze kugira ngo umenye aho benshi bafite ibibazo ubagenere igihe uzabafashiriza (urugero ushobora kubafasha mu isaha ya mbere yuko utangira isomo rishya).

UMUSARURO W'INYIGISHO 4: GUKORESHA IKINYARWANDA K'INTYOZA UWIGA AKANGURIRA ABANDI AKAMARO K'ISUKU N'ISUKURA BINYUJIIWE MU IHANGAMWANDIKO



Umusaruro w'inyigisho 4: Kwisuzuma kw'abanyeshuri

1. Saba abanyeshuri kwitegereza ishusho (mu gitabo cy'umunyeshuri), baganire ku byo babonaho, ibyigwa batekereza ko iyi mbumbe yibandaho bagendeye ku ishusho. Nyuma yo kwakira ibitekerezo binyuranye, batsindagire iby'ingenzi iyi nyigisho yibandaho.

2. Saba abanyeshuri kuzuza imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abanyeshuri bafite ku mbumbe y'inyigisho igiye kwigwa ari ukubafasha kwimenyereza ibyigwa biyikubiyemo, hakabaho kumenya ibyo baziho n'ibyo batazi mbere yo kuyitangira. Ku musozo wayo bazakora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n'ahakeneye kongerwamo imbaraga.



Ubushobozi fatizo:

Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya
1. Gusobanura neza icyo isuko ari cyo n'ikinyuranyo cy'isuku	1. Gutandukanya isuku n'umwanda ndetse yaba ku mubiri ndetse n' aho utuye	1. Gusukura umubiri, ibikoresho ibikoresho ndetse n'aho utuye.
2. Gusobanura neza umwandiko ntekerezo awutandukanya n'andi moko y'imyandiko	2. Gutondeka ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka zigize umwandiko ntekerezo	2. Guhimba umwandiko ntekerezo akurikiranya neza ingingo z'ingenzi n'ingingo z'ingereka anubahiriza uturango tw'imyandiko ntekerezo
3. Gusobanura neza inshoza y'itangazo mu rusobe rw'inyandiko zitandukanye	3. Kubasha gutondekanya neza ingingo zigize itangazo hashingiwe ku moko y'amatangazo atandukanye	3. Kwandika no gusoma amatangazo atandukanye bitewe n'ubwoko bwayo
4. Gusobanura no gutandukanya ibaruwa n'andi moko y'inyandiko	4. Guhitamo imbata y'ibaruwa umuntu yakoresha agiye kwandika ubwoko ubu n'ubu bw'ibaruwa	4. Kwandika amabaruwa neza hubahirijwe uturango twa buri bwoko bw'ibaruwa
5. Kugaragaza ibintu byose by'ibanze bikubiye mu mwirondoro w'umuntu	5. Gutondeka neza ingingo ku Yindi mu zigize umwirondoro	5. Kwandi umwirondoro mu buryo bworohera uwusoma guhita abona amakuru akeneye.
6. Kuba yasobanura inshoza ya Raporo aho ariho hose yayibarizwa	6. Kugaragaza amakuru y'ingenzi ajya muri raporo runaka	6. Gukora raporo yujuje ubuziranenge bitewe n'igikenewe



Umwitozo wa 34:

Nyuma y'uko abanyeshuri bitegereje ifoto iri kuri ino mbumbe babaze ibibazo bikurikira bagende bagusubiza nawe ugende ubayobora ku bisubizo by'ukuri.

1. Ku ifoto ibanziriza ino mbumbe murabonaho iki?

- **Abantu babiri batandukanye bari ahantu hatandukanye**

2. Ese kuki abo bantu mubonaho bitwaye mu buryo butandukanye?

- **Imitekerereze yabo ntisa/ntibakora bimwe/ntibari ahantu hamwe**

3. Ni ikihe kintu kimwe ubona kibatandukaniye?

- **Umwe afite umwanda undi afite isuku**

4. Isuku bivuze iki, kandi isukura itandukaniye he n'isuku?

- **Isuku ni ubushobozi cyangwa imiterere yo kuba ibintu, ahantu, cyangwa abantu biboneye, bitanduye, kandi bigaragaza umucyo n'umutuzo. Ni ibikorwa bigamije kwirinda umwanda, kugira ngo haboneke ubuzima bwiza.**

- **Mu gihe Umwanda ari ikintu kigomba gukurwaho kugira ngo isuku iboneke**

5. Kuki isuku ari ingenzi mu buzima bwa muntu?

- **Isuku ifasha gukumira indwara zikomoka ku mwanda nk'impiswi, inzoka zo mu nda, cholera, na typhoid**
- **Kuzamura icyubahiro n'isura y'umuntu cyangwa ahantu:**
- **Gutanga ubuzima bwiza n'umutuzo mu mibereho**

6. Ni gute umuntu yakwitwara neza mu bijyanye n'isuku y'umubiri?

- **Koga buri muni:**
- **Kumesa no gusukura imyenda**
- **Gukata inzara no kuzikaraba neza**
- **Gukaraba intoki kenshi**

7. Kuki isukura ry'ibikoreshe byo mu rugo ari ingenzi cyane?

- **Kurinda indwara zituruka ku mwanda**

- Ibikoresho bisukuye bituma ibiribwa n'ibinyobwa biba byizewe, bikarindwa guhura n'ibyanduza nk'umwanda, imyunyu mibi
- Urugo rufite ibikoresho bisukuye rugaragaza isuku n'umutuzo mu muryango, bikarushaho kuzamura icyubahiro mu mibanire y'abagize urugo ndetse n'abashyitsi

8. Urumva tugiye kwiga irihe somo?

- Akamaro k'isuku

Abanyeshuri bakivumbura insanganyamatsiko cyangwa umutwe w'isomo, wandike ku kibaho ubundi ukoreshe uburyo bukunogeye wahisemo bwo kwigisha rino somo.

Isomo 4.1: Isesenguramwandiko ku nsanganyamatsiko ku kamaro k'isuku n'isukura.

Intego: Nyuma y'iri somo uwiga araba ashobora:



- Gusobanura nk'uko bikwiriye inshoza y'isuku n'isukura nk'imwe mu ndangagaciro z'umuco mu mibereho ya muntu.
- Kugaragaza indangagaciro z'umuntu cyangwa ahantu bifite isuku.
- Kugaragaza ibintu bigaragaza umwanda mu buryo ubu n'ubu mu mibereho ya buri muni.
- Gusukura umubiri cyangwa ahantu n'ibikoresho bikoreshwa n'abantu umunsi ku muni.



Igihe giteganyijwe: Amasaha 2



Uburyo bw'imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n'ibindi.



Ibikoresho bikenewe:

Ibitabo by'imyandiko, Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by'ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo, isabune, amazi, amavuta....

Imyiteguro:



- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibaranga bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ Kugenzura niba hari abanyeshuri bakenera ubufasha bwihariye.

Ingingo nsanganyamasomo:



- ✓ Umuco w'amahoro
- ✓ Isuku n'isukura
- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyorokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo
- ✓ Kurwanya indwara zandura

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:



- Gutanga urugero rw'ibimenyetso bigaragaza isuku cyangwa umwanda
- Kuba azi ibikoresho byifashishwa mu gutegura ibikoresho cyangwa ahantu kugira ngo habe hasukuye.



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 35:

1. Saba abanyeshuri kubumbura ibitabo byabo basome bucece umwandiko **“isuku ni isoko y’ubuzima”** uri mu gitabo cyabo ku mbumbe ya 4
2. Mu gihe basoma bucece, saba abanyeshuri kwirinda guhwihwisa ngo batarogoya bagenzi babo bakababuzza kumva ibyo basoma, cyangwa ishuri rigahinduka urusaku n’akajagari. Babuze kandi gushyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kunamiriza mu byo basoma kuko bibangiza amaso kandi bikabananiza ku buryo badakurikira neza igice k’isomo gisigaye.
3. Bamaze kuwisomesha saba umunyeshuri umwe umwe bakuranwe kuwusoma baranguruye, abanda bakurikirire mu bitabo byabo, bagende bashakamo amagambo atumvikana bayandike mu ikayi y’imyitozo.
4. saba abanyeshuri buri wese abaze amagambo atumvishe uyobore bagenzi be bamufashe kumuha ibisobanuro nawe ubiyobore ubaganisha ku bisubizo by’ukuri.
5. Bwira abanyeshuri babumbe ibitabo byabo, hanyuma ubabaze ibibazo byo gusuzuma niba basomye umwandiko bakawumva koko.

Ibibazo n’ibisubizo ku mwandiko:

1. Kuki abajyanama b’ubuzima bashyizweho mu Rwanda, kandi ni izihe nshingano bafite?
 - **Bashyizweho kugira ngo bafashe gukangurira abaturage kugira isuku no kwirinda indwara. Inshingano zabo zirimo gukangurira abaturage koga, kwambara imyenda isukuye, no kwitabira kwivuza.**
2. Umwanditsi agaragaza izihe ngamba abaturage bafashwa gukurikiza mu kurwanya Malariya?
 - **Gutema ibihuru bikikije aho batuye, kuryama mu nzitiramibu iteye umuti, no kugira ubwisungane mu kwivuza.**
3. Ni izihe nyungu z’isuku zagarutseweho mu mwandiko? Tanga byibuze ebyiri.
 - **Irinda indwara ziterwa n’umwanda.**
 - **Ituma abantu bagira icyubahiro kandi bakagira imibereho myiza.**
4. Umwanditsi asobanura gute “umwanda mutindi”? Tanga urugero rumwe rw’uyu mwanda.

- **Ni umwanda ugaragara kubera itondeke ribi mu mitekerereze y'umuntu. Urugero: Kurambika urukweto ku buriri cyangwa ku mashuka.**
5. Ni izihe ngaruka zikomeye umwanda ushobora gutera ku buzima bwa muntu n'igihugu muri rusange?
- **Gukwirakwiza indwara nk'inda, amavunja, cyangwa korera, bigatera igihombo ku muryango n'igihugu.**
6. Umwanditsi yagaragaje umwihariko w'umwanda ufite ingaruka rusange ku bantu bose. Ni iki yibanzeho ku bijyanye n'ubwiherero butujuje ibisabwa?
- **Yagaragaje ko kwituma ku gasozi bishobora gutuma imvura izana uwo mwanda mu masoko y'amazi, bigatera indwara nka korera.**
7. Ni izihe ndwara zituruka ku mwanda zagaragajwe mu mwandiko? Tanga byibuze eshatu.
- **Korera, Macinyamyambi, Amibe.**
8. Umwanditsi yatanze urugero ku bintu biba bigaragara nk'umwanda ushingiyeye ku mitekerereze. Ushobora gusobanura neza icyo yashatse kuvuga?
- **Yashatse kuvuga ko hari imyitwarire n'imico idaha agaciro isuku, nko kurambika ibikoresho aho bidakwiye, kandi ibi bigaragarira mu mikorere y'umuntu.**
9. Kuki umwanditsi yemeza ko kwirinda umwanda bireba buri muntu?
- **Kuko umwanda udafite ingaruka ku nyirawo gusa, ahubwo ushobora gutera indwara zikagera ku bantu benshi.**
10. Ni gute buri wese ashobora kuba "umukangurambaga wa mugenzi we" mu kurwanya umwanda nk'uko umwandiko ubivuga?
- **Buri muntu ashobora kubwira abandi ibyiza by'isuku, gutanga urugero rwiza mu kuyigira umuco, no gukebura abagaragara imyitwarire y'umwanda.**



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 36:

Saba abanyeshuri bakore umwitozo wa 36 uri mu gitabo cyabo

Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro aho aherereye uyatsindagire: **Itondeke, Macinyamyambi, Akaga, Amavunja, Umukangurambaga, Ishozi.**

- a. Biragoye ko umuntu yabura kurwara **amavunja** igihe aba ahantu harangwa n'ivumbi hadakorerwa isuku byiyongeraho kuba adakaraba.
- b. Ni **akaga** gakomeye gusanga akagari kose umubare munini ari urangwa n'umwanda.
- c. Biba byiza kugira **itondeke** ry'ibikoresho mu nzu.
- d. Byabaye ngombwa ko **umukangurambaga** azana ibyari ku ngingo y'ibygwa mbere yo gutanganga inyandiko mvugo y'inama y'ubushize.
- e. **Macinyamyambi** ni indwara mbi kuko mu bimenyetso biyigaragaza hazamo gucibwamo ndetse no kuruka.
- f. Mu by'ukuri biba biteye **ishozi** gusanga umuntu w'inkumi atazi kwipfuna.



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 37:

- Fasha abanyeshuri gukora amatsinda ubabwire bakore umwitozo wa 37 uri mu bitabo byabo kandi buri munyeshuri mu itsinda akore.
- Usabwa gusura buri tsinda ukaryunganira mu bitekerezo aho bibaye ngombwa

Muhimbe agakino ku kagomba kumara iminota icumi kagaragaza ingaruka z'umwanda zavuzwe mu mwandiko uri hejuru. Munagaragazemo ingamba zo guhangana na zo.

Imbonera:

Mu gihe urimo ubakosora uzareba niba umukino wabo koko uhura n'insanganyamatsiko nkuko twabibonye mu isomo, utirengagije imikinire y'ikinamico n'uturango twayo nk'uko twabibonye mu mbumbe ya mbere mu isomo rya 1.3 ry'iki gitabo.

Isomo 4.2: Umwandiko ntekerezo

Intego: Nyuma y'iri somo uwiga araba ashobora:



- Gusobanura nk'uko bikwiriye inshoza y'umwandiko ntekerezo awutandukanya n'indi myandiko y'ubuvanganzo bw'Ikinyarwanda.
- Kugaragaza ibice by'umwandiko ntekerezo ndetse n'utundi turango twawo.
- Guhimba umwandiko ntekerezo wubahirije amabwiriza yose y'ihangamwandiko mu Kinyarwanda.



Igihe giteganyijwe: Amasaha 2



Uburyo bw'imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, kureba filimi n'ibindi, kwitoza guhimba



Ibikoresho bikenewe:

Ibitabo by'imyandiko, Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by'ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo

Imyiteguro:



- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibaranga bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ Kugenzura niba anta banyeshuri bakenera ubufasha bwihariye



Ingingo nsanganyamasomo:

- ✓ Isuku n'isukura
- ✓ Umuco w'amahoro

- ✓ Uburinganire n’ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w’ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw’imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenocide n’ingengabitekerezo yayo

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi



- Kwandika neza ururimi rw’ikinyarwanda yita cyane ku mategeko y’imyandikire y’ibihekane
- Kuba azi uturango tw’imwe mu myandiko y’ubuvanganzo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by’ibibazo



Umwitozo wa 38:

1. Wifashishije uburyo abanyeshuri begeranye, bakoreshe amatsinda rimwe rigizwe n’abanyeshuri babiri babiri bongere bucece, basomerere hamwe umwandiko” Isuku **ni isoko y’ubuzima**” uri mu bitabo byabo kuri iyi mbumbe.
2. Saba abanyeshuri gusoma umwitozo wa 38, bahuze ibisubizo babyandike ku ruhande mu ikayi y’imyitozo.
3. Saba abanyeshuri bafunge ibitabo byabo bakurikire ubundi muhurize hamwe ibisubizo nk’ishuri muri rusange.

IBIBAZO:

1. Ese uyu mwandiko urabona ari umwe mu myandiko y'ubuvanganzo?

- oya

2. Vuga ingingo z'uriya mwandiko nibura eshatu wasomyemo zaba iz'ingenzi cyangwa se iz'ingereka umubarankuru yagarutseho.

Ingingo z'ingenzi:

- Isuku nk'isoko y'ubuzima,
- Abajyanama b'ubuzima n'inshingano zabo
- Kurwanya indwara zituruka ku mwanda
- Ingaruka z'umwanda
- Uruhare rwa buri wese mu kurwanya umwanda

Ingingo z'ingereka:

- Ibyiza byo koga buri muni, kwambara imyenda isukuye, no kwivuza indwara ku gihe.
- icyo gukora isuku mu rugo bivuze, harimo gutondeka ibikoresho neza no kubirinda umwanda.
- Ingaruka mbi z'ibikorwa byo kujugunya imyanda ahantu hadakwiriye, cyane cyane ku bijyanye n'amasoko y'amazi.
- Indwara zituruka ku mwanda nka korera, macinyamyambi, n'amibe zigaragajwe nk'ingaruka zikomeye.
- icyo gukora ubwiherero butujuje ibisabwa bigira ku buzima bw'abaturage no ku isuku rusange

3. Ese urabona uriya mwandiko ari ubuhe bwoko bw'umwandiko?

- Umwandiko ntekerezo

Nyuma yo kuvumbura isomo kw'abanyeshuri Hitamo uburyo butandukanye wateganyije bwo kwigisha rino somo utangire isomo



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 39:

Huriza abanyeshuri mu matsinda bakoreremo uno mwitozo kandi ugenzure neza niba buri munyeshuri arimo kugira uruhare mu itsinda.

A. SOMA UMWANDIKO: “URUHARE RW'URUBYIRUKO MU BUKANGURAMBAGA BW'ISUKU MU MURYANGO NYARWANDA” WANDITSWE HEJURU NURANGIZA USUBIZE IBI BIBAZO.

1. Ni gute urubyiruko rwafasha gukangurira abandi kugira isuku ku mubiri no ku bikoresho byo mu rugo?
 - Urubyiruko rushobora gukangurira abandi kugira isuku ku mubiri no ku bikoresho byo mu rugo binyuze mu kwigisha, gukora ibikorwa by'ubukangurambaga, no kubwira abantu ibyiza byo kugira isuku.
2. Ni izihe ngamba urubyiruko rushobora gufata mu kurwanya umwanda mu muryango nyarwanda?
 - Urubyiruko rushobora gufata ingamba zirimo gutegura ibikorwa byo gukora isuku mu muryango, kwigisha bagenzi babo uburyo bwo kubungabunga isuku, no gufatanya n'abandi mu bikorwa by'isuku mu muryango.
3. Kuki kubungabunga ibidukikije ari ngombwa ku rubyiruko mu muryango nyarwanda?
 - Kubungabunga ibidukikije ni ngombwa ku rubyiruko kuko bigira ingaruka nziza ku buzima bwabo, bigafasha kurwanya ibiza no guteza imbere imibereho myiza muri rusange.
4. Urubyiruko rufite uruhe ruhare mu kubaka ubwiherero bwiza no kubungabunga amazi meza?
 - Urubyiruko rushobora gufasha mu kubaka ubwiherero bwiza no kubungabunga amazi meza binyuze mu gutanga inyigisho, gukora imishinga y'isuku, no gukurikirana ikoreshwa ry'amazi.
5. Ni gute urubyiruko rufasha guhindura imyumvire y'abaturage ku isuku?
 - Urubyiruko rushobora guhindura imyumvire y'abaturage ku isuku binyuze mu gukoresha imbuga nkoranyambaga, gukora ibikorwa by'imiryango, no kuganira ku ngaruka z'umwanda.

6. Ni izihe nzira urubwiruko rwakoresha mu gukangurira abandi kugira isuku?

- **Urubwiruko rwashobora gukangurira abandi kugira isuku binyuze mu gukora ibiganiro, gukora ibikorwa by'imikoranire, no gukoresha ibinyamakuru bitandukanye nko kuri radio, televiziyo, cyangwa ku mbuga nkoranyambaga.**

7. Uruhare rw'urubwiruko mu bikorwa byo kubungabunga amazi meza ni uruhe?

- **Urubwiruko rushobora gufasha mu kubungabunga amazi meza binyuze mu gukora ibikorwa byo gusukura amazi, kwigisha abandi uburyo bwo kuyabungabunga, no gukurikirana isuku mu mazi aturuka mu nzu.**

8. Ni izihe ngaruka urubwiruko rushobora kugeraho mu bikorwa byo guteza imbere isuku mu muryango?

- **Urubwiruko rushobora kugeraho inyungu zo kugira imibereho myiza, kuba abahanga mu bikorwa by'isuku, kugira umuryango ufite isuku, no kuba aberekeye igihugu mu guteza imbere ibikorwa by'isuku.**

9. Vuga ingingo ebyiri ebyiri z'ingenzi n'iz'ingereka dusanga muri uyu mwandika

Ingingo z'ingenzi:

- *gukangurira abandi kugira isuku ku mubiri no ku bikoreho byo mu rugo, binyuze mu bikorwa by'ubukangurambaga no kwigisha.*
- *Gukangurira abaturage kugira isuku no kurwanya umwanda*

Ingingo z'ingereka

- *Kuba urubwiruko rufasha mu bikorwa byo kubungabunga amazi meza*
- *Kugira uruhare mu kubaka ubwiherero bwiza*

B. USHINGIYE KU BUMENYI WUNGUTSE MURI INO NYIGISHO SUBIZA IBIBAZO BIKURIKIRA

1. Iyo bavuze umwandiko ntekerezo wumva iki?

- **Umwandiko ntekerezo ni inyandiko mpimbano igamije gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko runaka, ikaba ishingiyeye ku buryo bw'isesengura no gutanga amakuru. Uyu mwandiko ubyutsa ibitekerezo mu gusobanura ikibazo cyangwa ikibazo mu buryo bwagutse, ugamije guhindura imyumvire cyangwa gusaba ibikorwa runaka.**

2. Vuga uturango tw'umwandiko ntekerezo tugaragara mu mbata y'imyandikire yawo.

- **Uturango tw'umwandiko ntekerezo tugomba kugaragara**

Uturango tw’ingenzi tw’umwandiko ntekerezo nituno dukurikira:

- Intangiriro, Igihimba N’umusozo.
- Hakiyongeraho:
 - **Incamake y’ikibazo:** Iyi niyo itanga urufunguzo rw’ikibazo nyamukuru cy’umwandiko.
 - **Gushyira mu nteruro:** Ibitekerezo bisabwa kuboneka mu nteruro zifatika, zitari umwimerere gusa.
 - **Impamvu zishingiye ku isesengura:** Abanditsi bakora ubusesenguzi bw’umwandiko bwitegura amahame y’ibitekerezo.
 - **Igitekerezo n’ubusobanuro:** Kugaragaza igitekerezo nyamukuru n’impamvu zibigaragaza ku buryo burambuye.

3. Ese ni ibihe bintu by’ingenzi utekereza biba biri muri buri ngingo imwe iba iri mu mwandiko ntekerezo?

- **Buri ngingo mu mwandiko ntekerezo igomba kugira ibintu bitatu by’ingenzi:**
 - i. **Igitekerezo nyamukuru:** Igitekerezo cy’ingenzi kigaragaza icyo iyi ngingo yibandaho.
 - ii. **Impamvu cyangwa ibisobanuro:** Ibisobanuro byerekana impamvu cyangwa uko igitekerezo nyamukuru gisobanurwa cyangwa gikomeza.
 - iii. **Ibyo umwanditsi asaba cyangwa avuga:** Iki ni igikorwa cyangwa inyigisho umwanditsi ashaka gutanga cyangwa gukora.



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 40:

Bwira abanyeshuri buri umwe akore ku giti cye uno mukoro:

Hanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko ku byiza by’isuku no kwirinda indwara ziterwa n’umwanda. ntuge muni y’amagambo magana abiri akandi nturenze amagambo magana atatu. uvuge ku ngingo eshanu.

Imbonera:

Ntibayikoroha ko umwandiko watangwa hano buri munyeshuri yawuvumbura, gusa mu gihe cy'inyunganizi n'ikosora rusange mwarimu agendera kuri ibi bikurikira:

- Kuba uhura n'insanganyamatsiko
- Kuba wubahirije uturango tw'umwandiko ntekerezo twose
- Kuba wubahirije amabwiriza yatanze
- Kuba wubahirije amategeko y'imyandikire y'ururimi rw'ikinyarwanda

Isomo 4.3: Itangazo

	Intego: Nyuma y'iri somo uwiga araba ashobora: - Gusobanura nk'uko bikwiye inshoza y'itangazo itandukanye n'izindi nyandiko zitari iz'ubuvanganzo. - Kugaragaza uturango tw'itangazo ryujuje ibisabwa. - Gutanga itangazo ryujuje uturango yaba mu nyandiko yabo no mu mvugo.
	Igihe giteganyijwe: Isaha 1
	Uburyo bw'imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n'ibindi, gusoma ibinyamakuru, gusoma imbuga nkoranyambaga
	Ibikoresho bikenewe: Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by'ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo, imvaho/ibinyamakuru, Radiyo

Imyiteguro:



- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibarangaza bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiye.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye. Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ Kugenzura niba hari abanyeshuri bakerera ubufasha bwihariye

Ingingo nsanganyamasomo:



- ✓ Isuku n'isukura
- ✓ Umuco w'amahoro
- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenocide n'ingengabitekerezo yayo

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:



- Kwandika neza ururimi rw'ikinyarwanda yita cyane ku mategeko y'imyandikire y'ibihokane
- Kuba azi uturango tw'imwe mu myandiko y'ubuvanganzo



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by' ibibazo



Umwitozo wa 41:

- Andika ku kibaho inyandiko iri ku mwitozo wa 41 mu gitabo cyabo.
- Saba abanyeshuri bawusome banawutekerezaho bucece
- Basabe gusubiza ibibazo biyibajijeho

IBIBAZO:

1. Ese ukurikije ubutumwa buri muri iyi nyandiko urabona amakuru yose yari akenewe n'abo yari agenewe yaba nibura ahagije?

Ubutumwa bukenewe bwose burimo

2. Ugarutse kuri iyi nyandiko hamwe n'ubushishozi, urasanga ari ubuhe bwoko?

Ni itangazo/ Inyandiko imenyesha

Nyuma y'uko abanyeshuri bivumburiye umutwe w'isomo, wifashishije uburyo bukunogeye wateguye yobora abanyeshuri muri ri somo



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 42:

Saba abanyeshuri gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Iyo bavuze itangazo baba bavuze iki?

Ni uburyo bwo kumenyesha amakuru, ibitekerezo, cyangwa ubutumwa runaka mu buryo bwanditse cyangwa bwumvikana, hagamijwe gukangurira abantu, kubagira inama, cyangwa kubereka icyo babwiwe gikwiye gukora cyangwa kumenya.

2. Rondora ibintu by'ingenzi bitagomba kubura mu itangazo

- Izina ry'umwanditsi cyangwa ikigo

- icyo itangazo rigamije
- Igihe n'aho itangazo riturutse
- Ibyo abasomyi basabwa gukora
- icyemezo cyangwa umurongo w'inyandiko

3. Tandukanya amoko y'amatangazo wifashishije ibisobanuro byayo

- **Amatangazo yo kubika**

Amatangazo yo kubika ni amatangazo atabaza agamije kumenyesha abantu ko hari umuntu witabye Imana akanavuga igihe azashyingurirwa.

- **Amatagmngazo yo kumenyesha**

Amatagmngazo yo kumenyesha ni amatangazo amenyesha abayumva amakuru atandukanye nk'inama, akazi, isoko ry'ibintu, cyamunara

- **Amatangazo yo kwamamaza**

Amatangazo yo kwamamaza ni amatangazo atangwa agamije kwamamaza ibikorwa by'umuntu ku giti ke, by'ishyirahamwe, by'inganda, amashuri, kugira ngo bimenyekane bibone ababigana mu buryo bwo kubiteza imbere.

- **Amatangazo yo kurangisha**

Amatangazo yo kurangisha ni amatangazo atangwa igihe umuntu yatakaje ikintu, yabuze umuntu kugira ngo ababimuboneye babimuhe cyangwa yatoye ibintu kugira ngo nyirabyo abashe kubibona

- **Amatangazo atumira/ubutumire**

Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka. Bene izi nyandiko twazigereranya n'amabaruwa y'ubucuti nubwo zo zidakurikiza imiterere y'ayo mabaruwa.

4. Tumira abanyeshuri mwigana kugira ngo bazitabire isabukuru yawe y'amavuko.

Imbonera:

Mu gihe ugiye guha umunyeshuri inyunganizi genzura niba itangazo rye rigaruka kuri ibi bikurikira.

- *Amazina y'ababyeyi*
- *Itariki bizaberaho*

- Isaha bizabera
- Aho bizabera

Urugero:

- Muhura kuwa 25/Gicurasi/2025

UBUTUMIRE: ISABUKURU Y'AMAVUKO

Umuryango wa NTWALI Peles na CYIZA Benisse wishimiye kubatumira mu kwizihiza isabukuru y'amavuko y'umwana wabo AZE Holly uzaba kuwa 27/Kanama/2025, ukazabera mu busitani bwa La Colombe Refreshment Muhura saa kumi n'ebiri za nimugoroba.

Kuza kwanyu ni ibyishimo kuri twese.

AZE Holly 



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 43:

Shyira abanyeshuri mu matsinda bakorane uyu mwitozo

Kora umwitozo ukurikira:

1. Andika amatangazo akurikira wubahiriza imiterere yayo:

- Itangazo ryo kubika

Urugero:

Umuryango wa GAKUBA Emmanuel ubabajwe no kubika umwana we INEMA Mercy witabye Imana taliki ya 10 werurwe 2025 azize urupfu rutunguranye, umubiri we uruhukiye mu ivuriro ryitiriwe umwami Fayizali akazaherekezwa kuwa 15 Werurwe 2025.

Bimenyeshejwe:

- ✓ SINE Nancy utuye kimironko mu karere ka Gasabo
- ✓ NDATINY Polly utuye mu Bubirigi
- ✓ SEMANA Hawah utuye I Gatsibo

Inshuti n’abavandimwe batiyumvishe muri iri tangazo musabwe kubatabara no gusura abasigaye.

GAKUBA Emmanuel: umukono

- Itangazo ryo kumenyesha

Urugero:

Hashingiwe ku itegeko no:00001/02.../2018 ryo kuwa 19/02../201.. rishyiraho imigurishirize y’ingwate, Tainy Bank izagurisha ku cyamunara umutungo utimukanwa SEBEUYE Aime uherereye mu kagari ka Nyagahita Umurenge wa Mugina Akarere ka Rwanteri tariki ya 28/Mata/2025 I saa munani z’amanywa 14hoo’

Umuyobozi ushinze kugurisha ingwate muri

Tainy Bank RWABUKWISI SAYINZOGA Naboth



Isomo 4.4: Ibaruwa

Intego: Nyuma y’iri somo uwiga araba ashobora:



- Gusobanura nk’uko bikwiye inshoza y’ibaruwa ayitandukanya n’izindi nyandiko zitari iz’ubuvanganzo.
- Kugaragaza uturango tw’ibaruwa y’ubutegetsi cyangwa se ibaruwa bwite/isanzwe yujuje ibisabwa.
- Kwandika ubwoko bwose bw’ibaruwa ifite ubuziranenge mu maso y’uwo ari we wese wayihabwa.



Igihe giteganyijwe: Amasaha 2



Uburyo bw’imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n’ibindi, gusoma ibinyamakuru, gusoma imbuga nkoranyambaga

**Ibikoresho bikenewe:**

Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by'ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo, imvaho/ibinyamakuru, Radiyo

**Imyiteguro:**

- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibarangaza bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n'ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.
- ☐ Kugenzura niba hari abanyeshuri bakerera ubufasha bwihariye

**Ingingo nsanganyamasomo:**

- ✓ Isuku n'isukura
- ✓ Umuco w'amahoro
- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenocide n'ingengabitekerezo yayo

**Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:**

- Kwandika neza ururimi rw'ikinyarwanda yita cyane ku mategeko y'imyandikire y'ibihokane
- Kuba azi uturango twa zimwe mu nyandiko z'ubutegetsi



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by' ibibazo



Umwitozo wa 44:

- ▶ Bwira abanyeshuri basome bino bibazo
 - ▶ Basabe babisubize ariko buri umwe agusabye umwanya mu kimenyetso cy'uko azamura urutoki.
 - ▶ Huza ibisubizo by'abanyeshuri bagiye basubiza ubiganisha ku bisubizo by'ukuri.
1. Ni ubuhe buryo bunyuranye bukoreshwa igihe ukeneye kugira umuntu uha amakuru mutari kumwe?
 - **Kumuhamagara kuri telefoni, kubinyuza ku muturanyi we cyangwa inshuti ye, kumwandikira ubutumwa bugufi na telefoni cyangwa Imeli(email)**
 2. Usibye se kumuhamagara kuri telefoni, no kumutumaho undi muntu cyangwa kubinyuza mu itangazo, hari ubundi buryo waba uzi? (yego cyangwa oya)
 - **Yego burahari**
 3. Usibye se uburyo bw'inyandiko twabonye mu musaruro w'inyigisho wabanje, indi nyandiko ishoboka ubutumwa bwanyuramo ni iyihe?
 - **Ibaruwa**
 4. Ushingiye ku gisubizo utanze cy'ibaruwa sobanurira bagenzi bawe batazi ibaruwa icyo ari cyo.
 - **Ni inyandiko itanga ubutumwa ifite amategeko agenga uburyo yandikwamo ikaba yakoreshe hagati y'abantu babiri cyangwa barenze babiri igakoreshe mu buzima busanzwe cyangwa igakoreshe mu buryo bwa kiyobozi**



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 45

Koresha abanyeshuri amatsinda cyangwa buri umwe akore ku giti cye abanyeshuri ubakoreshe uyu mwitozo uri mu gitabo cyabo.

1. Sobanura ibaruwa muri rusange icyo ari cyo

- Ibaruwa ni inyandiko yandikwa igamije gutumanaho hagati y’abantu babiri cyangwa benshi. Ishobora kuba ifite intego zitandukanye nko gusuhuzanya(intashyo)gusaba akazi, kugaragaza ibitekerezo cyangwa kubika amakuru.

2. Gereranya ibaruwa y’ubuyobozi n’ibaruwa bwite wifashishije ingingo ebyiri

- Ibaruwa bwite uretse kuba ifite umwirondoro uhagije nta myandikire yihariye igira. Mu gihe ibaruwa y’ubutegets(ubuyobozi) igira umwihariko nko kuba ifite umwirondoro wuzuye, ikoresha imvugo yuje ikinyabupfura, ururimi rwumvikana kandi rwiubashye.....

3. Vuga ibintu dusanga mu mbata y’ibaruwa y’ubuyobozi

- Ikirangantego
- Amakuru y’umwanditsi
- Itariki
- Umugambi/impamvu
- Ururimi rukoresha
- Umukono n’icyemezo

4. Andikira inshuti yawe uyimenyesha igihe uzagiriraho isabukuru y’amavuko uyisabe kuzagutegurira uwo muni mu buryo bwo kwakira abazawitabira.

Imbonera:

Biragoye ko iyatangwa hano yahuza neza impamvu n’iz’amabaruwa ya buri munyeshuri, gusa mu kunganira umunyeshuri ugomba gukurikiza ibi bikurikira:

- *Itariki*
- *Umwirondoro w’uwanditse*
- *Impamvu (ubutumwa bw’ibaruwa)*
- *Uwo yandikiye*
- *Si ngombwa gukoresha ururimi rwa gihanga*



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 46:

Saba abanyeshuri gukora umwitozo ukurikira

Ni izihe nama nibura eshanu zo kwitonderwa wagira umuntu ugiye kwandika ibaruwa y'ubuyobozi.

- *Uwandika, agomba kubahiriza imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi. Ibice byose ni ngombwa ko bibonekamo. Iyo uwandika agiye kwandika ibaruwa y'ubuyobozi, agomba kumenya uwo yandikira, bitewe n'impamvu agiye kwandika.*
- *Uwandika agomba kugira ikinyabupfura, akubaha uwo yandikira. Uwandika agomba koroshya amagambo, agasobanura ibyo yandika mu kinyabupfura.*
- *Uwandika agomba kwirinda kurondogora, akandika ibiri ngombwa gusa, arasa ku ntego.*
- *Uwandika agomba kwirinda gusiribanga, akandika ibaruwa ifite isuku.*

1. Ese igihe urangije kwandika ibaruwa isanzwe ni ngombwa cyane gusinya?

- **Oya gusinya si ngombwa**

2. Nk'umwe mu banyeshuri bahagarariye abandi ushinze isuku mu kigo tekereza ko warangije kwiga, wandikire umuyobozi w'akarere utuyemo umusabe akazi k'ubujyanama bw'ubuzima muri ako karere muri iyi baruwa unagaragazemo ko wari ushinze isuku mu kigo wigagamo, rero ubumenyi wahakuye bwagufasha kunoza inshingano z'akazi urimo gusaba

Imbonera:

Igihe ugiye gukosora cyangwa kunganira umunyshuri ku ibaruwa yanditse itegereze ibi:

- Kuba Yubahirije Imbata y'ibaruwa y'ubutegetsi igihimba cyayo gisobanura uburyo ubumenyi afite bwuzuzanya n'akazi asaba
- Imyirondoro y'uwandika n'uwandikiwe
- Itariki
- Ikirango Cy'ikigo Igihe Biri Ngomwa
- Impamvu y'ibaruwa

- Ururimi Runoze Kandi Rufite Ikinyabupfura
- Uwo Binyujijweho Cyangw Auwo Bimenyeshejwe Igihe Ari Ngombwa
- Umukono w’uwanditse

Isomo 4.5: Umwirondoro



Intego: Nyuma y’iri somo uwiga araba ashobora:

- Gusobanura nk’uko bikwiye inshoza y’umwirondoro awutandukanye n’izindi nyandiko zitari iz’ubuvanganzo cyangwa se iz’ubutegetsu
- Kugaragaza uturango tw’umwirondoro wujuje ibisabwa.
- Kwandika no gutanga neza umwirondoro wujuje uturango yaba mu nyandiko yabo no mu mvugo.



Igihe giteganyijwe: Amasaha 1



Uburyo bw’imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n’ibindi, gusoma ibinyamakuru, gusoma imbuga nkoranyambaga



Ibikoresho bikenewe:

Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by’ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo, imvaho/ibinyamakuru, Radiyo



Imyiteguro:

- ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo.
- ☐ Kureba niba aho bigira nta bibarangaza bihari.
- ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye,
- ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n’ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe.
- ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye.

- ❑ Kugenzura niba hari abanyeshuri bakerera ubufasha bwihariye



Ingingo nsanganyamasomo:

- ✓ Isuku n'isukura
- ✓ Umuco w'amahoro
- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye
- ✓ Umuco w'ubuziranenge
- ✓ Ubuzima bw'imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenocide n'ingengabitekerezo yayo



Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:

- Kwandika neza ururimi rw'ikinyarwanda yita cyane ku mategeko y'imyandikire y'ibihekane
- Kuba azi yanatanga ingero nibura zindi ebyiri z'inyandiko z'ubuyobozi.



Igikorwa cya 1: Gushaka ibisubizo by' ibibazo



Umwitozo wa 47:

- ▶ Somesha bucece abanyeshuri ibibazo bikurikira
- ▶ Basabe kubisubiza mu buryo bugaragazwa n'ikimenyetso cyo kumanika urutoki kuri buri umwe ugiye gusubiza.

IBIBAZO:

1. Nkuko twabibonye mu isomo ryabanje hari igihe gusaba akazi bisaba kwandika ibaruwa. Ese ibaruwa gusa iba ihagije ngo umukoresha akuboneho amakuru? Subiza na **Yego** cyangwa **oya** (**Oya**)
2. Ni iki he cyangombwa kigaragariza umukoresha amakuru ahagije giherekeza ibaruwa? (**Umwirondoro**)



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 48:

- Tanga amabwiriza y'uburyo buboneye yagenderwaho kugira ngo ayobore uyu mwitozo ugiye guha abanyeshuri

1. Ni izihe ngingo twabonye zigomba kugaragara mu mwirondoro?

- Umutwe Umutwe w'umwirondoro:
- Ibiranga umuntu Irangamimerere
- Amashuri
- Uburambe
- Ubundi bumenyi
- Indimi
- Ibyo akunda
- Abantu Bamuzi cyangwa abahamya
- Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono

2. Ese umwirondoro nk'inyandiko y'ubuyobozi ni ryari ukenerwa?

- Igihe umuntu agiye gusaba akazi

3. Subirisha **yego** cyangwa **oya**

- a. Mu kwandika umwirondoro uhera ku rwego ruto ujya ku runini iyo urimo wandika ibijyanye n'impamyabumenyi zawe. **yego**
- b. Iyo wandika ibijyanye n'uburambe ufite mu kazi uherera ku kazi wabanje gukora ugaherutsa ako wari ufite. **oya**
- c. Kwandika nimero za terefoni z'abagukoreshaga mbere mu mwirondoro, si ngombwa **oya**

d. Ibijyanye n'ibintu ukunda kubyandika ku mwirondoro bifasha umukoresha kumenya urwego rw'uburyo uzanozamo akazi. **oya**



Igikorwa cya 3: Umukoro ngiro



Umwitozo wa 49:

► Tanga amabwiriza agenderwaho mu gukora uno mukoro

Imbonera:

Biragoye ko habaho guhuza ingingo ijana ku ijana n'imikoro y'abanyeshuri ariko mu gihe ugiye gukosora uno mukora ugomba kwitondera bino:

- *Umutwe Umutwe w'umwirondoro: "Umwirondoro"*
- *Ibiranga umuntu Irangamimerere*
- *Amashuri: Kuba mu byo yize harimo impamyabumenyi ifitanye isano n'akazi arimo gusaba*
- *Uburambe: Bugomba kugaragazwa n'uko akazi arimo asaba hari ahandi yagakoraga cyangwa yarakoze amahugurwa afitanye isano n'ako kazi*
- *Ubundi bumenyi*
- *Indimi*
- *Ibyo akunda*
- *Abantu Bamuzi cyangwa abahamya*
- *Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono*

Isomo 4.6: Raporo

	Intego: Nyuma y’iri somo uwiga araba ashobora : a. Gusobanura nk’uko bikwiye inshoza ya Raporo ayitandukanya n’izindi nyandiko z’ubutegetsi b. Kugaragaza uturango twa Raporo yujuje amakuru yose asabwa. c. Gukora no Gutanga raporo yaburi gikorwa cyose yagizemo uruhare mu gihe yaba ayisabwe.
	Igihe giteganyijwe: Amasaha 2
	Uburyo bw’imyigishirize: Kubaza ibibazo no gusubiza, kwitegereza, kujya impaka, gukorera mu matsinda, urugendo shuri, kureba filimi n’ibindi, gusoma ibinyamakuru, gusoma imbuga nkoranyambaga
	Ibikoresho bikenewe: Ikibaho, Ingwa, Amakayi, Ikaramu, Ibitabo by’ikibonezamvugo, Mudasobwa, Murandasi, Fulashi, Inkoranyamagambo, imvaho/ibinyamakuru, Radiyo
	Imyiteguro: ☐ Kwicaza abanyeshuri mu buryo buborohera mu myigire yabo. ☐ Kureba niba aho bigira nta bibaranga bihari. ☐ Kureba neza niba aho bigira hatekanye, ☐ Kureba niba aho bigira hari urumuri rukwiriye, n’ikirere niba kiboneye mu buryo biga batabangamiwe. ☐ Kureba niba ikibaho gihanaguye. ☐ Kugenzura niba hari abanyeshuri bakerera ubufasha bwihariye
	Ingingo nsanganyamasomo: ✓ Isuku n’isukura ✓ Umuco w’amahoro ✓ Uburinganire n’ubwuzuzanye ✓ Umuco w’ubuziranenge

- ✓ Ubuzima bw'imyororokere
- ✓ Kwita ku bidukikije
- ✓ Umuco wo kuzigama
- ✓ Uburezi budaheza
- ✓ Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo

Ibyo Umunyeshuri yagombye kuba azi:



- Kwandika neza ururimi rw'ikinyarwanda yita cyane ku mategeko y'imyandikire y'ibihekane
- Kuba azi uturango tw'imwe mu myandiko y'ubuvanganzo



Igikorwa cy'1: Gushaka ibisubizo by'ibibazo



Umwitozo wa 50:

- ▶ Andika ku kibaho bino bibazo by'umwitozo wa 50 uri mu gitabo cy'umunyeshuri
 - ▶ Saba abanyeshuri kuwitegereza no kuwusoma bucece
 - ▶ Basabe bamanitse urutoki bagende batanga ibisubizo kuri buri kibazo
 - ▶ Huza ibitekerezo byabo n'ibisubizo by'ukuri.
1. Tuvuge ko uri mu kazi runaka, uzakoresha iki kugira ngo uhe amakuru y'ibimaze gukorwa umukoresha wawe?
 - **Nzakora ishusho y'uko akazi kagenze mu buryo bw'inyandiko cyangwa muhamagare mumenyeshe kuri telefoni**
 2. Ese mu buryo bwiza cyane uzabimubwira mu nyandiko cyangwa mu mvugo?
 - **Mu nyandiko**
 3. Iyo nyandiko uzamutegurira imuha ishusho y'imikorere yose yitwa gute?
 - **Raporo**

Abanyeshuri bakivumbura umutwe w'isomo wandike ku kibaho, ubundi ukurikize uburyo wateguye isomo ryawe rigomba gutambutswamo.



Igikorwa cya 2: Umwitozo wunganiwe



Umwitozo wa 51:

- Koresha abanyeshuri amatsinda mato bakoreremo uyu mwitozo ku buryo birakorohera kugenzura niba buri munyeshuri mu itsinda arimo kugira uruhare ku mukoro

1. Sobanura raporo icyo ari cyo

- **Raporo ni umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, igamije intego runaka. Ijyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora; uko we yabibonaga, kandi ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro ikwiye gufatwa. Ni umwandiko uba ugenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejejweho**

2. Ese umugereka wa raporo ni iki?

- **Ni igice cy'inyongera kiri ku musozo wa raporo, kigamije kugaragaza amakuru y'inyongera cyangwa ibisobanuro birambuye byafashwe nk'atarimo ngombwa gushyirwa mu gice nyamukuru cya raporo.**

3. Ni ibihe bice nibura bine bya raporo waba uzi mu mitegurirwe yayo

- **Intangiriro**
- **Igihimba**
- **Umusozo**
- **Umugereka**

4. Ni izihe mpamvu nibura ebyiri zigaragaza ko raporo wateguye iraza kugira umugereka?

- **Iyo raporo ifite amakuru menshi y'amadosiye cyangwa imibare**
- **Iyo hari inyandiko z'inyongera zifasha gusobanura raporo**
- **Iyo hari ibisobanuro byihariye bisaba umwanya munini**

5. Ese umuntu wikoresha gukora raporo y'akazi ke n'ubwo nta muntu uba yayi musabye ni ngombwa? Sobanura impamvu ebyiri niba ari ngombwa cyangwa se Atari ngombwa.

- **Yego ni ngombwa kubera ko**
- **Akenere kumenya urujya n'uruza rw'abakiriya n'imari**

- Abona ibyo yahombye cyangwa yungutse
- Amenya aho yongera imbaraga....



Igikorwa cya 3: Umukorongiro



Umwitozo wa 52:

Tekereza ko uri umuyobozi uhagarariye abandi ushinze isuku ku ishuri, buri kwezi usabwa gutanga raporo ku Muyobozi ushinze Umutungo w'ishuri, y'ibikoresho by'isuku uko byagiye bikoresheha n'aho byakoreshejwe. Tegura iy'uku kwezi uherutse kumwoherereza.

Imbonera:

Guhuza urugero rw'iyatangwaho n'iya buri munyeshuri ntibyakoroha, ariko mu gihe ugiye gukosora abanyeshuri cyangwa kubunganira ku zo bakoze, dore bimwe mu by'ingenzi bitagomba kubura:

- Imbata ya raporo igomba kuba iteguwe neza kandi amakuru y'ingenzi arimo
- Iyi raporo igomba kuba ifite umugereka ugaragaza indambure y'uburyo ibikoresho byakoreshejwe, aho byakoreshejwe, ingano y'ibyo bahawe n'amazina yabyo, ishusho y'ingano y'ibyakoreshejwe n'ibisigaye ndetse n'ibikenewe igihe bibaye ngombwa.



Isuzuma mbonezanyigisho ku mbumbe ya 4

IGICE CYA MBERE

Umwandiko: Ingaruka z'umwanda

1. Subiza ibibazo byo kumva umwandiko:

- Ngaruka z'umwanda ku buzima: Umwanda uterwa n'imyanda ititabwaho neza ushobora gutera indwara nka cholera, indwara z'ubuhumekero, n'izindi ziterwa na mikorobe, bikabangamira ubuzima bw'abantu.
- Umwanda uhurirana n'indwara z'ubuhumekero na cholera: Mikorobe ziba mu mwanda zikwirakwizwa n'amazi cyangwa umwuka wanduye, bigatera izo ndwara.
- Ingamba zo guhangana n'umwanda: Gutegura ubukangurambaga ku isuku, gukoresha uburyo bwo gucunga imyanda neza, no kubungabunga ibidukikije.

- d. Uko isuku ifasha: Isuku igabanya ibyago byo kurwara indwara ziterwa n’umwanda, ikarinda abaturage kwandura mikorobe mbi.
- e. icyakorwa kugira ngo umwanda udabangamira iterambere: Kwigisha abaturage ingaruka z’umwanda, gushyiraho uburyo buhamye bwo gucunga imyanda, no guteza imbere isuku rusange.
- f. Impamvu ubukangurambaga bukenewe: Ubukangurambaga bufasha abantu kumenya akamaro k’isuku no kubigiramo uruhare rufatika mu kurwanya umwanda.

2. Inyunguramagambo: Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro: Ibibazo 6 byo Kumva Umwandiko:

Umwanda, Isuku, Indwara, Mikorobe, Cholera, Ubuzima, Ibikorwa, Ibidukikije, Gukangurira, Ingamba za leta

- a. **umwanda** ni ikibazo cyugariye isi kandi kigira ingaruka mbi ku buzima bw’abantu.
- b. Kugira **isuku** mu buzima bwa buri muni ni ingenzi mu kugabanya ibyago byo kurwara indwara zituruka ku mwanda.
- c. **indwara** ziterwa n’imyanda zirimo cholera, indwara z’ubuhumekero, n’izindi ziterwa na mikorobe.
- d. **Mikorobe** zigira uruhare rukomeye mu gutera indwara z’ubuzima.
- e. Indwara ya **cholera** ikunze kwandura cyane mu bice bitarimo isuku ihagije.
- f. Kubungabunga **ibidukikije** bigira uruhare mu kurwanya ikibazo cy’umwanda mu muryango.
- g. Abaturage bagomba kwitabira **ibikorwa** bigamije kurwanya umwanda no guteza imbere isuku.
- h. Kubungabunga **ingamba za leta** ni kimwe mu bisubizo byo kwirinda umwanda n’ingaruka zawo.
- i. Ni ngombwa **gukangurira** abaturage kugira ngo bagire uruhare mu bikorwa by’isuku.

IGICE CYA KABIRI

1. Subiza ibi bibazo bikurikira

- a. Gira inama nibura eshatu umuntu ugiye kwandika ibaruwa y’ubuyobozi ibyongombwa kwitonerwa
- *Uwandika, agomba kubahiriza imbata y’ibaruwa y’ubuyobozi*

- Uwandika agomba kugira ikinyabupfura, akubaha uwo yandikira. Uwandika agomba koroshya amagambo, agasobanura ibyo yandika mu kinyabupfura.
 - Uwandika agomba kwirinda kurondogora, akandika ibiri ngombwa gusa, arasa ku ntego.
 - Uwandika agomba kwirinda gusiribanga, akandika ibaruwa ifite isuku.
 - Mu ntangiriro y'ibaruwa, shyiramo ikiguteye kwandika. Tangira ugira uti : « Nejewe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo ... ». Mu gihimba k'ibaruwa, sobanura neza impamvu wanditse, n'igituma wumva ibyemezo byafatwa, byahuza n'ibyifuzo byawe. Niba hari impapuro zarushaho kumvikanisha igitekerezo cyawe uzivuge, kandi buri rapapuro wavuze mu ibaruwa uze kurushyira ku mugereka w'ibaruwa. Mu musozo w'ibaruwa, shimira uwo wandikiye.
 - Iyo ibaruwa ishyizwe mu ibahasha, inyuma ushyiraho izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwo wandikiye. Ntabwo ushyiraho izina rye bwite.
- b. Ese umwandiko ntekerezo ugira ibice bingahe? bivuge
- **Ugira ibice bitatu by'ingenzi: Intangiriro, Igihimba N'umusozo**
- c. Emeza cyangwa uhakane niba ari ngombwa cyane gusinya ku mwirondoro
- **Ni ngombwa cyane gusinya ku mwirondoro**
- d. Emeza cyangwa uhakane niba gukoresha imvugo y'ubusabane nta cyo bitwaye igihe urimo wandika ibaruwa bwite (isanzwe)
- **Nta kibazo byatera gukoresha imvugo y'ubusabane mu ibaruwa bwite**
- e. Igihe ugiye kwandika umwandiko ntekerezo usabwa kuvuga ingingo eshatu gusa kuri icyo nsanganyamatsiko, uwo mwandiko uzawuha ibika bingahe? Ibyo bika bizaba bivugwa ku biki biri muri uwo mwandiko?
- **Ibika bitanu: igika 1 cy'intangiriro, ibika 3 by'ingingo zavuzweho n'igika 1 cy'umusozo**
- f. Vuga impamvu nibura eshatu zatuma ukora raporo ukanayitegurira umugereka
- **Iyo raporo ifite amakuru menshi y'amadosiye cyangwa imibare**
 - **Iyo hari inyandiko z'inyongera zifasha gusobanura raporo**
 - **Iyo hari ibisobanuro byihariye bisaba umwanya munini**
- g. Vuga amoko nibura atanu y'amatangazo
- **Itangazo ryo kubika,**
 - **Itangazo ryo kumenyesha,**
 - **Itangazo ryo kwamamaza,**
 - **Itangazo ryo kurangisha,**

- *Itangazo ritumira*

IGICE CYA GATATU

1. Hitamo ikibazo kimwe muri bino bikurikira

- ***Kuri kino kibazo ntibyakoroha guhuza ibisubizo n’uburyo buri munyeshuri araza gusubiza, gusa mu gihe ugiye kunganira umunyeshuri kuri buri kibazo cyangwa kumukosora, urashingira ku mbonera z’ikosora zatanzwe kuri buri kibazo.***

Ibibazo:

1. Himba umwandiko ugaragaze ingaruka eshanu z’umwanda, umwandiko wawe nturenze amagambo Magana abiri kandi ntuge muni y’amagambo ijana na mirongo itanu.

Imbonera:

- **Imbata igomba kuba igaragaza ko ufite ibika bitanu byubahirijwe neza: kimwe kivuga intangiriro, bitatu bivuga ku ngingo eshatu imwe imwe kuri buri ngingo, ikindi gika ari icy’umusozi**
- **Umubare w’amagambo yategetswe ugomba kubahirizwa**

2. Tekereza ko igihe uzarangiriza kwiga bazagutorera kuba umukuru w’umudugudu mutuyemo. Tumira inteko rusange y’abaturage iyo nyandiko uteguye itumira ni yo umuhwituzi azifashisha ayitangaza.

Imbonera:

- **Ni itangazo rigomba kuba rifite umutwe**
- **Rigaragaza itariki n’isaha inteko izabera**
- **Rigaragaza ahantu inteko izabera**
- **Rigaragaza ingaruka zo kutitabira**
- **Rigaragaza urwego rw’umuyobozi warishizeho umukono**

3. Tekereza ko urangije kwiga hakaboneka umwanya w’ikiraka ku ishuri wigagaho, mu ishami wigaga cyo kwigisha. A ndikira Umuyobozi w’ishuri umusabe icyo kiraka **Imbonera:**

- **Iyi ni ibaruwa isaba akazi igaragaza imbata nziza y’ibaruwa y’ubuyobozi/ubutegetsi nk’uko igomba kuba imeze**

4. Tuvuge ko umaze imyaka ibiri hanze (urangije kwiga) tegura umwirondoro wawe uzaherekeza ibaruwa isaba akazi ku mwanya uzaba washyizwe ku isoko.

Imbonera:

- Imbata y’umwirondoro igomba kuba itunganye nk’uko igomba kuba imeze
- Igice cy’amahugurwa n’uburambe bigomba kuba hari aho bihuriye n’akazi kasabwe mu ibaruwa isaba akazi

5. Igihe uzaba uri Umuyobozi w’Akagari, ereka Umuyobozi w’Umurenge Akagari uyobora gaherereyemo ishusho y’aho imitunganyirize y’isuku mu Kagari kaweho ihagaze.

Imbonera:

- Iyi ni raporo kandi igomba kuba yubahirije imbata ya raporo nkuko igomba kuba imeze
- Iyi raporo irakenera umugereka ugaragaza inguni z’ isuku iri kuvugwamo, igaragaze ikigero/impuzandengo ya buri mu dugudu muri izo Nguni isuku yibanzeho, igaragaze imbogamizi, n’ikifuzo cyaba umuti w’ikibazo.

Iby’ingenzi byo kwibuka mu mbumbe ya kane

Muri iyi mbumbe twibanze cyane ko moko y’inyandiko nubwo umwandiko uyibimbura ugaruka ku nsanganyamatsiko y’akamaro k’isuku n’isukura aho twabonye ibyiza byinshi by’isuku. isuku twabonyeko ikubiyemo ikimenyetso ndetse no kuba igira uruhare mu iterambere ry’igihugu.

si ibyo gusa twabonyemo uburyo bwo kubaka umwandiko ntekerezo tubona ko ari umwandiko usanzwe uvuga ibintu bisanzwe aba ari umwandiko muhimbano ufite ibice bine bitewe n’imyubakire yawo ari byo: umutwe, intangiriro, igihimba, n’umusozo(umwanzuro). Twabonye kandi ubwoko bw’amatangazo, harimo amatangazo yo kumenyesha, amatangazo yo kubika, itangazo ryo kwamamaza

amatangazo yo kurangisha, amatangazo atumira/ubutumire amatangazo amoko atandukanye y’inyandiko z’ubutegetsu tubonamo, ibaruwa bwite(isanzwe), imbata y’ibaruwa bwite dusanga igizwe, n’umutwe w’ibaruwa, impamvu y’ibaruwa

igihimba n’umusozo hanyuma ku y’ubuyobozi dusanga igira: aderesi y’uwandika

ahantu n’itariki, izina ry’icyubahiro n’inshingano by’uwandikiwe, binyujijwe, impamvu

urwego rw’ubuyobozi rw’uwandikiwe, ibaruwa nyirizina: intangiriro y’ibaruwa, igihimba k’ibaruwa, umusozo w’ibaruwa, amazina n’umukono by’uwandika, bimenyeshejwe

twaje kandi kubona amoko y'ibaruwa z'ubuyobozi ibaruwa ari yo: ibaruwa isaba akazi, hamagara, ibaruwa itanga akazi, ibaruwa isaba ibisobanuro, ibaruwa isaba uruhushya, ibaruwa isezerera umuntu mu kazi nyuma yah o twabonye inshoza y'umwirondoro, uturango tw'umwirondoro, imbata y'umwirondoro, umutwe w'umwirondoro, ibiranga umuntu irangamimerere, amashuri, uburambe, ubundi bumenyi, indimi, ibyo akunda, abantu bamuzi cyangwa abahamya, kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono. nyuma twasojye tubona inshoza ya raporo, amoko ya raporo nuko tubonamo: raporo y'ubushakashatsi, raporo, y'imikorere, raporo y'inama, raporo y'ubusesenguzi, raporo y'ubunyamabanga raporo y'ibibazo byihutirwa, raporo y'imari, raporo y'ubukangurambaga, raporo y'ubujyanama tubonako imbata ya raporo igizwe n'intangiriro, igihimba n'umusozi



Kwisuzuma kw'abanyeshuri

1. Bwira abanyeshuri bisubiremo kuva ku ntangiro y'iyi mbumbe baruzuzwa imbonerahamwe iri mu gitabo cyabo kugira ngo bagaragaze aho bafite imbaraga n'aho bafite integer nke bakwiriye kuzamura.
2. Ganira n'abanyeshuri ku bisubizo batanze kugira ngo umenye aho benshi bafite ibibazo ubagenere igihe uzabafashiriza (urugero ushobora kubafasha mu isaha ya mbere yuko utangira isomo rishya).

INYANDIKO N'IBITABO BYAKORESHEJWE

<https://www.digiformag.com>

Igitabo k'ikinyarwanda nk'isomo rusange umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye urupapuro rwa 48

<https://elearning.reb.rw/course/view.php?id=510§ion=6>

Ikinyarwanda_Amashuri yisumbuye_Igitabo cy'Umunyeshuri_Umwaka wa kane amashuri yisumbuye urupapuro 290

Igitabo cy'umunyeshuri cy'ikinyarwanda nk'isomo rusange, amashuri yisumbuye umwaka wa gatanu/urupapuro 63

https://www.elearning.rtb.gov.rw/pluginfile.php/6192/mod_resource/content/1/CCM502_IKINYARWANDA%20CY_INTYOZA.pdf

<https://www.kigalitoday.com/ubuzima/urusobe-rw-ubuzima/Isuku-ikwiye-kuba-intego-ya-buri-wese>

Amashuri nderabarezi (ttc) igitabo cy'umunyeshuri 3 ishami rya siyansi n'uburezi & ishami ry'imbonezamubano n'uburezi urupapuro rwa 43

Igitabo cyumunyeshuri umwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye 2011 urupapuro rwa 164

Amashuri nderabarezi (ttc) igitabo cy'umunyeshuri 3 ishami rya siyansi n'uburezi & ishami ry'imbonezamubano n'uburezi urupapuro rwa 33



Mata, 2025